# *INYIGISHO KU MADAYIMONI, MU MITERERE Y'UMWUKA*

Ndibaza niba ari bangahe bazi iyi ndirimbo nto, mugihe mbasuhuza mu busabane bwiza bwa Gikristo n'urukundo rwa Kristo uyu munsi, ni bangahe bazi iyi ndirimbo nto, "Akwitaho"? Ese Urabizi? Nibyiza, reka turebe niba tuyizi. Urayizi, mushiki wanjye? Urayizi? Noneho:

> Ajya akwitaho,
> Ajya akwitaho;
> Ku zuba cyangwa mu gicucu,
> Ajya akwitaho.

Yoo, ni byiza. Reka twongere tugerageze noneho.

> Ajya akwitaho,
> Ajya akwitaho;
> Ku manywa na nijoro,
> Ajya akwitaho.

[Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.]

2 Data wacu wo mu ijuru, turagushimira ko utwitaho kandi watugaragarije urukundo rwawe kuri twe, ku buryo wohereje Umwana Wawe ukunda, kuri . . . Umwana w'Imana w'inzirakarengane, gufata umwanya w'abanyabyaha. Ni gute twagushimira, ko watwitayeho kandi ukatwibuka, ugakora ibi! Kandi turagushimira cyane, Mwami. Twishimiye guteranira hano kuri iki gicamunsi, munsi y'ikirere cyiza, kandi dusaba imigisha yawe kuri aya materaniro. Emera, Mwami, kugirango buri mugabo, umugore, umuhungu cyangwa umukobwa uri hano, yige Ibyanditswe Byera mu buryo bwimbitse nonaha. Turimo kurwana n'isi iyobowe na Satani. Kandi, Data, turasenga, mu gihe twiga imbaraga z'abadayimoni n'icyo bakorera abantu, kugirango uduhe ukwizera gukomeye, kandi reka ibimenyetso n'ibitangaza byinshi bikorwe. Kuko, tubisabye mu Izina rya Kristo no kubw'icyubahiro cy'Imana. Amina.

3 Turi, isomo kuri iki gicamunsi, twinjiremo vuba, ndakeka, nk'iminota cumi n'itanu mbere. Biracyari ku *Nyigisho ku Madayimoni.*

4 Noneho nabonye ubutumwa, mu kanya kashize; Mwene Data Beeler, buvuye ku nshuti zanjye. Kandi nzahera muri Afrika, hagati muri Nyakanga. Ibyo byabikemuye, twabikosoye noneho. Kandi Mwene Data Baxter ntashobora kugenda icyo gihe, rero ngomba kujya muri Afrika jye ubwanjye. Rero kujya hariya hamwe . . . Wenda . . . Mugomba kunsengera nonaha, kugira ngo

Uwiteka amfashe, kubera ko rwose ngiye kubikenera noneho, hakurya hariya mu. . . Ntegereje byibuze abantu ibihumbi magana abiri muri ayo materaniro.

5 Kandi mfite iyerekwa nanditse hano. Ndashaka ko mugira inyungu zaryo. Byabaye mu Kuboza. Nari ndi mucyumba mugitondo kimwe ubwo Marayika w'Uwiteka yinjiraga. Na. . . Murabona, igihe nari hariya, nasuzuguye Imana, maze mfatwa na amibe. Umuntu wese arazi—azi icyo amibe ari cyo, inzoka yo munda ibabaza. . . hafi yo kukwica. Kandi kubera ko nari nakoze ikintu Imana yambwiye ko ntagomba gukora. Ni bande bumvise inkuru y'ibyo? Ndakeka ko bamwe muri mwe bari hano. Nzi ko abantu bo kurusengero bumvise inkuru y'ibyabaye. Imana yambwiye kujya ahantu, kandi ngo ngume kure ya *hano* hantu, maze ngo njya ahandi hakurya. Kandi naretse ababwiriza banyemeza kutabikora. Noneho, ababwiriza ni beza, kandi ni abavandimwe banjye, ariko utekereza kubyo Imana ikubwira. Nibyo. Murareba? Mufite intumbero imwe.

6 Ni bande bibuka igihe kimwe muri Bibiliya ko hariho abahanuzi babiri? Kandi umwe muri bo, Uwiteka aramubwira ati: "Jya ahantu *runaka*. Kandi ntu—ntuzanyure. . . Uzasubireyo unyuze indi nzira," n'ibindi. Kandi—kandi ati: "Ntuzarye cyangwa ngo unywe mu gihe uzaba uriyo."

7 Maze undi muhanuzi w'ukuri aramusanganira, ati: "Uwiteka yangendereye nyuma y'uko akugendereye." Maze aravuga ati: "Ngwino iwanjye." Maze umuhanuzi yumva ibyo undi amubwiye, maze abura ubuzima kubw'ibyo. Murareba, ukora ibyo Imana ikubwiye gukora utitaye kubyo undi muntu avuga.

8 Noneho turi. . . Muri iryo yerekwa, Ya. . . Byarankanguye, kuri cumi n'eshatu Nze-. . . cyangwa z'Ukuboza. Kandi—kandi ubwo nari nicaye ku ruhande rw'igitanda cyanjye, nibazaga ejo hazaza hanjye. Njyewe. . . Ubwo nari ngarutse hano, bari biteguye kunterera mu nzu y'abahawe akato, inzoka zari hafi kunyica. Nuko bankorera ibizamini ubwo nari ngeze muri iki gihugu. Kandi, kubw'ubuntu bw'Imana, barandetse nsubira mu rugo, kuko byari byakwiragiye. Kandi narasenze, maze nsanga abo bakozi b'Imana, ndavuga nti: "Uwiteka yambwiye ko ntagomba kunyura iriya nzira."

Baravuga bati: "Yoo, Imana ivugana n'undi muntu bitagombye wowe."

9 Ndavuga nti: "Kora yagize icyo gitekerezo igihe kimwe." Maze rero, nyamara naragiye maze nshyira amababi ku birenge byabo, maze ndavuga nti: "Mwibuke, mu Izina ry'Uwiteka, nidufata urwo rugendo hariya, bizagenda nabi, kandi twese tuzabyishyura." Kandi koko twarabyishyuye! Yo, mbega! Twese twari hafi gupfa. Noneho mukugaruka. . .

10 Hari byinshi byo guhangana nabyo muri ibyo bihugu by'amahanga. Nk'urugero, agakoko k'inda gashobora kukuruma, bikagutera kugira umuriro uturuka ku mbaragasa. Kandi ako kantu gato, iyo kakurumye, igihe wumvise uribwa, ntushobora kukica. Urareba, niba gasa umukara, ntugakureho. Gafite umutwe muto, gasesera mu ruhu, kagahindukira nka *gutya* maze kakinjira. Ugakuruye, wakurura umutwe mo hariya. Kifitemo virusi muri ko, yagutera ubumuga. Rero ka . . . Ntugashikuze, cyangwa ntugakuremo; fata amavuta gusa. Kandi ahumekera mu mugongo. Ushyizeho amavuta, gahita gasohokamo.

11 Noneho hariho umubu. Ntabwo ugira urusaku rwinshi. Uza uturutse mu kirere, ugukoraho [Mwene Data Branham akoma mu mashyi—Ubwanditsi.] gusa, ni ibyo, uhita urwara malariya.

12 Kandi—kandi noneho hariho icyo bita inzoka ya mamba. Iyo ikurumye, ubaho iminota ibiri gusa iyo ikurumye.

13 Hariho inzoka y'uruziramire y'umuhondo. Ubaho iminota cumi n'itanu gusa nyuma yuko ikurumye. Kandi imwe muri zo yari hafi y'umuhungu wanjye, kuko yashoboraga kurambika ikiganza ku mutwe we. Yari yiteguye, kuruma, mbere y'uko turasa, nka gutyo.

14 Kandi hariho inzoka y'uruziramire yirabura. Yoo, neza n'ibindi n'ibindi! Hanyuma noneho n'akaga k'inyamaswa, birumvikana, intare, urusamagwe, cyangwa ingwe, n'ibindi bintu byose byo guhangana nabyo, mw'ishyamba. Hanyuma noneho n'indwara, hariyo ubwoko bwose bw'indwara.

15 Kandi ufite ibyo byose ugomba kurwana nabyo mu gihe ugiye. Hirya y'ibyo, noneho hari umupfumu wo kukurwanya kuri buri ruhande, murareba, n'imiziririzo yabo yose n'ibindi. Ariko, mbega, mbega ukuntu ari byiza kubona Umwami abyigizayo, kuri buri ruhande, nka gutyo, maze ugakomeza.

Kandi uwo munsi ndabyibuka, mpagaze aho, uko neza, ibyabaye, nzabibabwira mu gihe runaka mu yandi mareraniro, kuberako nshaka kwinjira ku isomo yanjye muri iki gicamunsi, ku *Nyigisho ku madayimoni.*

16 Ariko ubu, kandi natekerezaga ibi, nicaye hariya, nti birarangirira he? Kandi mu kugaruka tuva hakurya y'inyanja, nzi ko twagize abihana nk'ibihumbi ijana mu gihe twari turiyo. Kandi umusaza mwene Data Bosworth. Yaravuze, naravuze nti: "Ni byiza, Mwene Data Bosworth?"

17 Aravuga ati: "Ndakwishimiye cyane, Mwene Data Branham!" Aravuga ati: "Ubu—ubu nibwo uri mu ntangiriro y'ubuzima," maze aravuga.

18 Ndavuga nti: "Noneho, ndakeka ko byarangiye." Ndavuga nti: "Mfite imyaka mirongo ine. Nkeka ko narwanye intambara nziza kandi nkarangiza urugamba."

19 Aravuga ati: "'Urengeje imyaka mirongo ine?" Ati: "Nanganye gutyo mbere y'uko nizera." Ati: "Ndacyakomeje neza." Yari hafi kugeza imyaka mirongo inani. Kandi na . . .

Naratekereje nti: "Noneho, birashoboka ko ibyo ari byo."

20 Nuko aravuga ati: "Oya, ubu uri Branham mushya noneho. Ubu uzi kuyobora amateraniro yawe neza kurushaho, n'ibindi byose." Aravuga ati: "Iyaba gusa wanyeganyeza na Amerika mu buryo bukwiye, hamwe n'amateraniro ateguye neza, aho ushobora kumara ibyumweru bitandatu cyangwa umunani ahantu, hanyuma ukabitegura kandi ukabyamamaza hirya no hino," ati, "wagira icyo ukora, ariko, no kubw'Umwami wacu." Noneho turakomeza, dukomeza gutyo, rero byari-byari byiza cyane.

21 Noneho nyuma y'igihe gito, nabonye iyerekwa, igihe nari muri Amerika, nuko riza aho ndi, maze rinsubiza muri Afrika, kandi byanyeretse ayo nari nicaye mu mwanya imbere mu materaniro amwe, hariya i Durban. Kandi amateraniro ya mbere yakuwe mu nkuru, nerekera iburengerazuba. Nyuma rero, amateraniro ya kabiri yaje kuba, ahubwo igihe yarabaye, yarutaga y'amateraniro ya mbere. Nuko We . . . Numvise induru, Umumalayika asohoka ava mu Ijuru; Yari afite umucyo mwinshi.

22 Kandi Malayika w'Uwiteka wari ahagaze iruhande rwacu, yari ahagaze- . . . buri gihe ahagaze iburyo bwanjye, hejuru kuri *uru* ruhande. Kandi Yari ahagaze aho, kandi Yari—Yari arimo kugendagenda hirya no hino. Nabonye uyu Muntu ahagaze munsi ye. We—We ntabwo ari . . . Noneho, iryo ntabwo ari iyerekwa iyo umubonye. Biba ari ukuri nk'uko murimo kundeba. Kubera iki, mushobora kumwumva agenda kandi avugana na mwe. Kandi igihe We . . . Ikintu cyose, aba ar nk'ukuri neza. Kandi ntabwo riba ari iyerekwa; Umugabo uhagaze gusa nk'uko umeze. Kandi ijwi Rye ni kimwe nk'iryanjye cyangwa nk'uko iryawe rimeze. Ariko iyerekwa, ikintu kimenekera imbere yawe kandi ukakibona, nka gutyo. Ariko uyu Mugabo aragenda gusa maze agahagarara aho.

23 Yambwiye rero ko . . . hari ibyari bigiye kuba. Nuko aravuga ngo u . . . Uyu Mumalayika yaraje, maze arambwira ngo mpindukire ndebe muri *iyi* nzira. Kandi yarebaga, yarebaga ahagana mu Buhinde. Simvuze ko ari mu Buhinde, ariko biri hafi aho. Ariko bari abaturage b'Ubuhinde.

24 Kubera yuko, abanyafurika ni banini, babyibushye, abantu baremereye kubera ibinure. Bamwe muri bo bafite uburebure bugera kuri metero ebyiri, kandi bapima, yemwe, ibiro magana abiri na mirongo inani, hafi ibiro magana atatu, barabyibushye. Abazulu, ubu, Abashangani n'Abasuto, na, yemwe, hari amoko menshi atandukanye. Hariyo amoko cumi n'atanu atandukanye yari yicaye hariya wa munsi, navuganaga nabo.

25 Nifuzaga kuvuga irindi jambo, nka "Yesu Kristo, Umwana w'Imana." Nagombaga kubanza gusoma ku mazi mbere y'uko rinyura mu basobanuzi bose. Umwe yashoboraga kuvuga... Urusaku rugakwira hose!

Nakundaga gutekereza, iyo numvaga abantu b'Abapentekote bavuga mu ndimi, ko wenda umwe avuga mu buryo bumwe bw'ijwi undi akavuga mu bundi, ibyo byari kugenda bite kw'isi? Ariko nizera ko Bibiliya ari ukuri, kandi nzi ari ko Iri, igihe Yavugaga ngo, "Nta majwi adafite akamaro." Ni byo.

Bamwe muri bo baravuga, umwe muri bo aragenda, "Blrr blrr blrr blrr," ibyo bisobanuye ngo: "Yesu Kristo, Umwana w'Imana." Undi aragenda, "Cluk cluk cluk, cluk" ibyo byari ngo: "Yesu Kristo, Umwana w'Imana," mu rurimi rwe. Rero, uko cyaba cyumvikana kose, uko gifite igisobanuro ahantu runaka. Nibyo. N'ubwo urusaku rwaba rumeze rute, bisobanura ikintu runaka ku bantu runaka ahantu runaka. Kandi igihe Yari... Bari gutanga ibyo hanze.

26 Ndebesha amaso yanjye hejuru mbona ibumoso bwanjye, ubwo uwo mumarayika yamanukaga noneho mbona igisimba nkahongaho, kandi bari abantu...basaga nk'aho bari bafite i—bitwikiriye ishuka, nka *gutya*, kandi bari bizingiyemo, bahambiriye, bameze nk'uruhinja ruto, rwifubitse ikigoma. Kandi ni uko byari bimeze. Kandi nashoboraga kureba kure uko nshoboye, ntakindi cyari gihari uretse abantu. Maze uyu Mumalayika acana urumuri runini runyeganyega, rutangira kumurika impande zose, nka *kuriya*. Kandi sinigeze mbona abantu benshi mu buzima bwanjye!

27 Noneho undi Mumalayika aza hafi yanjye, maze aravuga ati: "Muri ayo materaniro harimo ibihumbi magana atatu." Kandi nabonye byanditse hano. Kandi namwe mwarabyanditse mu buryo bumwe bw'impapuro, uko narabasabye ibyo kubyerekeye umwana muto ugeze kuzuka muri Finlande. Ahubwo mwarabyanditse ku rupapuro rwa mbere rwa Bibiliya yanyu cyangwa ahandi hantu, mugihe mwari muri iyi iteraniro (ko hazabaho inama. Kandi muzabyumva ibi byose binyuze mu nzira zitamanaho zitandukanye.) y'abantu ibihumbi magana atatu bazitabira kuli iyo nama. Noneho, murebe niba ibyo atari byo. Iyo nama izaba irenze izindi nama twagize kandi bizikuba gatatu kurushaho. Ese murabyumva? Abantu ibihumbi magana atatu bazitabira iyo nama. Kandi ndishimye cyane kwitabira iyo nama no kubona ngezeyo, sinzi icyo nakora, kuko nkunda gutsinda intambara yo garura ubugingo bw'abantu ku Mwami wacu.

28 Noneho hariya, icyarimwe, mbona—mbona, igihe abapagani b'inkazi ibihumbi mirongo itatu baza kuri Yesu Kristo bahamagarwa ku gicaniro kimwe, ibihumbi mirongo itatu byuzuye by'abanyamahanga.

29 Rero reka tujye kumutwe w'ikibwiriza cyacu vuba. Kandi mwibuke uko ejo twari twiga tekinike ukuntu amadayimoni akora. Natekereje uyu munsi, nkuko Imana ikorana. Ntabwo muzi icyo umudendezo ugamije. Uko biri kose, ntabwo ndi umwarimu. Ndacyari kure cyane kuba umusobanuzi wa Bibiliya. Kandi, . . . Amashuri yanjye agarukira mu cyiciro cya karindwi. Ibyo rero nibyo . . . Kandi, nkiri aho, mvuye mw'ishuri hashize imyaka makumyabiri n'itanu, ubwo rero ni igihe kirekire. Kandi ntabwo mfite amashuri menshi cyane, ariko icyo nzi ni icyo nakiriye binyuze mu guhumekerwa. Niba kandi iryo humekerwa ritagerereranywa na Bibiliya, ubwo rero ryaba ari ikinyoma. Murareba? Rigomba kuba Bibiliya. Tutitaye ku cyo ihumekerwa ari cyo, rigomba kuza . . . *Nguru* urufatiro rw'Imana. Nta rundi rufatiro rwashyizweho uretse Uru. Kandi icyo Uru ari cyo, niba ibyo navuga byaba binyuranye n'Uru, mureke amagambo yanjye abe ibinyoma, kuko Ukuri ari Ukuri. Murabyumva? Murabyumva? Niyo yaba marayika akakubwira ikintu gitandukanye n'ibi, Pawulo aravuga ati: "Reka avumwe," ndetse n'iyo yaba malayika w'Umucyo. Noneho, hari ibintu byinshi bikomeye. Jyewe jyenyine . . . jyenyine . . . Nahisemo iminsi ibiri, 'kugira ngo ngeze iyi nyigisho ku bantu, ibyo byari ejo n'uyu munsi, h'amateraniro ya nyuma ya saa sita.

30 Noneho, impamvu nakoze ibi, ni ukugira ngo ngerageze gato ndebe niba Imana yaza kumfasha. Hari ikintu kiri ku mutima wanjye. Kandi ibi ni, ibyo, nyuma y'ubu Butumwa bukomeye, na nyuma y'uko Imana Ubwayo yemeza ibyo navuze ko ari Ukuri, mu Ijambo Ryayo; kubw'Ijambo Ryayo, mbere na mbere, hanyuma bikanyura mu bimenyetso n'ibitangaza. Noneho, ngira ngo, hamwe n'Ukuri k'Ubutumwa bwiza ku Itorero, nshinzwe, ku Mana, kuzana ibi mu Itorero. Ni byo. Biratandukanye cyane, no mu madini menshi atandukanye n'ibice by'amacakubiri yabyo, kugeza igihe ibyo bibaye ikinyoma. Twese turi abana b'Imana iyo tuvutse ubwa kabiri, Ibyo, murebe. Kandi ukuri kw'ikintu ni uko Imana ishaka ko tumenya ko, ko turi abana Bayo.

31 Noneho, mwibuke, urusengero rwa Salomo rwaraciwe, kw'isi yose. Kandi hano haza urutare rumwe rugoretse muri *ubu* buryo, urutare rumwe rugoretse muri *buriya* buryo, urundi rukase muri *ubu* buryo, urundi rukase muri buriya buryo, ariko, igihe bishyiraga hamwe, nta rusaku rw'urukerezo rwumvikanye, nta n'ijwi ry'inyundo, ibintu byose byagendaga mu mwanya wabyo. Imana yari Umwigisha w'ibyo.

32 Imana yabonye itorero ryitwa Assemblies, n'itorero rimwe ry'Imana, na rimwe *iri*, na rimwe *ririya*. Kandi, ariko nibamara guhurira hamwe, bazaba itsinda rimwe rinini ry'urukundo rwa kivandimwe, kandi Imana izashyiraho, guhuriza iryo Torero hamwe hanyuma Irizamure mu kirere.

33 Ishusho yose izwi, mbere yuko imanikwa mu

cyumba cy'ubuhanzi,' igomba kumanikwa, ikanyura muri cyumba cy'abagenzuzi, mbere na mbere. Umugabo washushanyije...?..., cyangwa, mumbabarire, sinshobora kuvuga izina rye, uwashushanyije Ifunguro rya Nyuma, uko byamera kose, byamutwaye igihe cy'ubuzima bwe. Yashushanyije iyo shusho. Yari imyaka igera kuri makumyabiri, cyangwa imyaka icumi, ndizera ko ari hagati yo gushushanya Kristo na Yuda. Ese mwanamenye ko, kuri iyo shusho izwi, umuntu umwe washushanije Kristo, nyuma y'imyaka icumi yaje gushushanya na Yuda? Ni byo. Yarabikoze. Imyaka icumi y'icyaha, uhereye ku muririmbyi ukomeye wa opera, gufata umwanya wa Kristo, ngwino ujye mu mwanya wa Yuda. Ntukeneye gufata imyaka icumi. Iminota icumi irahagije, kuba umaze gukora ikintu kimwe. Ibyo bizahindura imico yawe, mu byaha. Ariko, uko byagenda kose, iyo shusho yanyuze mu bagenzuzi bose.

34 Kandi ni byo ntekereza ku Itorero ry'Imana, ryitwa itsinda. Ni byiza, ntabwo nshaka kuvuga ibi kubwo kunegurana. Nagenze mu bwato mu nyanja zirindwi, kandi ndi mu rugendo rwanjye rwa gatatu ku isi, abantu baravuga bati: "Uwera wiziringa hasi! Uwera wiziringa hasi!" Kandi nashakishije kw'isi, kandi sinigeze mbona uwera wiziringa hasi. Ngiryo izina satani yakoresheje ku bantu. Ni ibyo gusa. Ikintu nk'icyo cy'uwera wiziringa hasi ntakibbaho. Kandi mfite imibare ya buri matorero ijana na mirongo itandatu n'umunani atandukanye ariho, kandi yarateguwe kw'isi, nta na rimwe muri yo ryitwa Abera Biziringa hasi. Kandi ayo yemewe na leta. Nta torero na rimwe Ryera Ryiziringa hasi. Rero, cyari ikintu gusa satani yahimbye. Ariko, ubu, muri ibi byose, ibi bintu byose, Imana yashushanyije ishusho. Igihe kimwe aya matorero mato ashaje yahoze hanze aho, bamwe muri mwe...

35 Nitegereje aba bagabo bafite imvi. Umwana wanjye, ejo; Nari mu cyumba, niga, nuko umukozi w'Imana aza ansanga aravuga ati: "Nkunda guhana ibiganza na papa wawe." Ni byo koko, umuhungu wanjye yarezwe na Mwene Data Baxter na bo, gusa, "Oya," ni byo, vuba. Ntabwo mbikunda. Murareba? Ntacyo bitwaye niba njyewe...Amasomo, sinshobora kuba umugaragu w'umuntu n'uw'Imana, nabyo. Ariko ntekereza ko nkunda guhana ibiganza n'abavandimwe banjye. Nkunda kubikora. Hariho ikintu kijyanye na byo, nkunda guhana ibiganza na—n'umukozi w'Imana. Ntabwo ari umukozi w'Imana gusa, ahubwo umwana wese w'Imana, nkunda kubikora. Ntabwo nabimenye kugeza igihe umugore wanjye abimbwiriye nyuma yaho gato. Ni byiza, iyaba yashoboraga kubibwira uriya mukozi w'Imana, "Umunota umwe gusa, yagarutse hariya mu masengesho, kandi—kandi ndaza kureba icyo yavuga." Ni byiza, ibyo, ibyo byari kuba byiza kurushaho. Rero ndamuha ubugororangingo buke kuri ibyo, ntabwo ari ukubikora.

Murareba?

36 Kandi rero ni ukuri, ntushobora kuba mu ukuri, nk'uko Mwene Data yabivuze mu kanya gashize. Niba ubikora, rero mu gihe cya nijoro njyewe—njyewe ndananiwe, murareba. Abantu bajya kuvuga, kandi wenda buri wese afite uburwayi, kandi iyo bagiye kubivugaho, vuba vuba, hari Malayika w'Uwiteka ahongaho ubivugaho.

37 Hariho umuntu wicaye, andeba neza nonaha, azi ko ari ukuri, guhera mu minota mike ishize, cyangwa nko mu isaha imwe n'igice ishize. Umutegarugori wicaye hano, utari uzi ibyo ari byo, ko Malayika w'Uwiteka yamuvugishije mu ijoro ryahise maze akamubwira ikintu, kandi ntashobore no kucyumva. Ariko uyu munsi byabaye, rero ubu noneho azi icyo bisobanura mu gihe Yari arimo kumuvugisha. Ni gute, ahagaze hariya arimo kumuvugisha, Malayika w'Uwiteka yahise asubira inyuma amubwira ibibazo afite, n'ibindi byose bijyanye na byo, kandi—kandi ibyo yatekerezagaho, hamwe n'umwe mu bakunzi be, n'uburyo Imana yavuze ikavuga ko Yabyemeje, hamwe n'ibigiye kuba. Ibyo rero ni byo rwose. Murareba? Imana yari yarabivuze.

38 Ni byiza rero, bimeze bite iby'umwanya muto wigeze... Hanyuma, kandi iyerekwa ryose riguca intege cyane, murareba. Kandi ikintu cya mbere muzi, iyo mugeze mu rusengero nijoro, mucika intege ku buryo mutamenya icyo gukora. Kandi munsengere nonaha, murareba, kuko ni ukuva mu materaniro amwe ujya mu yandi, mu yandi. Aya ni yo materaniro yonyine, ashobora kuba atandukanye n'andi, niba ngiye mu rugo nonaha rero ntacyo naba ngikoze mu gihe cy'amezi abiri, nasohoka ngafata inzira yanjye yo kuroba maze nkajya kuroba. Ariko nagombaga kuva mu nama imwe njya mu yindi, kuva muri imwe uhita ujya mu yindi, murareba. Ni cyo kibitera.

39 Kandi mwese musenge, mwebwe bantu mwagarutse hano mukaba muteze amatwi. Mu ijoro ryakeye bambwiye ko njye—ko njye nari ndimo kuvuganaga n'umuntu runaka, ariko uwo muntu ntansubize. Noneho, ibyo ni bibi rwose, murabona. Igihe babivugaga...Ni byiza, rimwe na rimwe aya amatara ntamurika neza, haba hari ahantu hijimye hagati aho.

40 Nuko nitegereza Malayika w'Uwiteka ubwo Yari ahagaze hano, nshobora kubyumva. Noneho ndaza kunva amvuye iruhande, kandi ndaza no kubibona, Biraza kumvaho maze byerekeze ahantu hamwe bihagarare aho gato, kandi nshobora kubibona. Kandi Biraza kumurika maze hahite hakurikiraho iyerekwa. Noneho ndaza kubona iyerekwa. Ndaza kureba ubwoko bw'umuntu uri ahongaho. Mbona umuntu, noneho ndavuga. Ni byo bibaho. Ni ko bigenda. Ntimugomba kubwira abantu bose ibyo bintu, ariko ni byo—ni byo bibaho, murabona. Ni ibyo byose mu buryo bw'umwuka.

41 Noneho niba uwo muntu atagusubije, byaba ari nko gusoma Bibiliya hano mukavuga muti: "Nta kintu kirimo," mukagendera kure Yayo. Murareba? Ibyo rero bituma biba bibi cyane. Mwitonde rero, mwumve, murebe. Iyo Avuga, musubize. Murareba, gusa mwitegure gusubiza igihe icyo ari cyo cyose.

42 Noneho rero umugore wanjye, na murumuna wanjye Beeler na benshi muri bo, muri iki gitondo, bambwiraga, ko byahamagaye umugabo ku byerekeye murumuna we, ahantu runaka, wari ufite ibitagenda neza kuri we, n'ibindi. Nuko umugabo ntiyitaba umuhamagaro, ibyo rero ntibishobora gufashwa. Ibyo biri hagati y'Imana n'umuntu. Iyerekwa ryahise rigenda. Noneho sinongera kuribona ukundi, kuko atansubije. Noneho, murareba, mube maso.

43 Noneho dufate uyu mutwe w'*Inyigisho ku Madayimoni* maze tuvuge ku madayimoni. Noneho, abantu, iyo muvuze muti: "idayimoni," burya vuba atangira gutekereza ati: "Yoo, ni abafana bacu cyangwa ikindi kintu!" Ariko amadayimoni ajya kumera by'ukuri nk'abamarayika. Ni nk'aho ari bo nyakuri.

44 Kandi dayimoni ni dayimoni nyayo, nk'uko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana. Nayo ni dayimoni! Ijuru ni ukuri. Niba kandi nta kuzimu kubaho, ubwo nta n'ijuru ribaho. Niba kandi nta mugisha w'Iteka ubaho...Igihano cy'iteka, ahubwo, nta mugisha w'Iteka ubaho. Niba nta munsi ubaho, nta n'ijoro ribaho. Murareba? Ariko nk'uko by'ukuri hababaho umunsi, hababaho n'ijoro. Nk'uko—neza neza nk'uko hababaho u—hababaho rwose Umukristo, hagomba kubaho n'indyarya. Nk'uko by'ukuri hariho umuntu w'ukuri uturuka ku Mana, hariho n'umuntu ubyigana. Murareba? Neza neza ni ibyiza n'ibibi, umukara n'umweru, neza hasi binyuze mu buzima kuri byose, ukuri n'ikinyoma ahantu hose. Kandi hariho Ubutumwa bw'ibinyoma, hariho n'Ubutumwa bwiza. Hariho Umubatizo w'ukuri, hariho umubatizo w'ikinyoma. Hariho kwizera k'uguhimbano, kandi hakabaho no kwizera k'ukuri. Hano hari idorari ry'ukuri rya Amerika, hariho n'idorari rya Amerika ry'iryiganano. Hano hari Umukristo nyawe, hariho n'indyarya nyayo, murareba, ibyo ni ibyo kwigana gusa. Murabona rero ko, byose bijyana. Noneho, ntidushobora kubitandukanya. Imana irareka imvura ikagwa.

45 Reka Areke mvuge hano gato. Hano hari ababwiriza bangahe? Muzamure ibiganza byanyu. Hirya no hino, ababwiriza, reka turebe ibiganza byanyu. Ni byiza, Imana ibahe umugisha, bakundwa. Noneho, ubungubu, ntabwo dufata ibi kubw'inyigisho nonaha, ariko, mbere y'uko twegera uyu mutwe w'ingenzi w'kibwiriza, Ndaza kubabwira ibyo ari byo. Hano hari abantu bangahe b'Abapentekote? Muzamure ibiganza byanyu, hirya no hino. Ni byiza, mwese muri Abapentekote. Ni byiza. Ndashaka kubabwira ibyo nari mfite mu gihe ninjiraga bwa mbere mu bice byanyu, urwego.

Nari mperereye hano muri Indiana, ahantu runaka hitwa Mishawaka. Itsinda rya mbere ry'abantu b'Abapentekote nabonye, bitwaga A—Amateraniro ya Pentekote ya Yesu Kristo, Ndizera, cyangwa ikindi kintu nk'icyo, abantu beza cyane. Noneho bishyize hamwe babita Pentekote yunze Ubumwe. Batandukana n'abandi, kubera ikibazo cy'umubatizo w'amazi. Ibyo ntibibagira indyarya. Hariho benshi bafite Umwuka Wera utunganye, nyawo, Abakriso bavutse ubwa kabiri mu nzego zabo. Kandi Imana yabahaye Umwuka Wera mu kubatizwa mu "Izina rya Yesu," kandi Iha abandi umubatizo w'Umwuka Wera, mu kubatizwa muri "Data, Mwana, Umwuka Wera." Noneho, "Imana ibaha Umwuka Wera, abayumvira," ni inde—ni inde wawubonye, ni nde wayumviye? Aho ni ho mugeze.

46 Niba mwibagiwe gusa, kandi abashaka kuba bu nzira imwe, nimubareke babemo, hanyuma mukomeze mube abavandimwe. Ibyo ari byo byose. Ntimukore. . .Icyabikoze, ni ukubatandukanya, gutandukanya. Murareba? Ni iki? Byari ugusenya, gusenya, gusenya ubuvandimwe, gushyiraho no kwitandukanya. Oya, mugenzi, ntabwo twatandukanye, turi umwe. Ni ukuri.

47 Ariko ubwo nari mpagaze aho, nitegerezaga abo bantu. Noneho, njyewe, gusa navuye mu itorero risanzwe rito rya Batisita ry'Amajyepfo, kubera iki, Nabonye abo bantu, ninjiyeyo maze bakoma mu mashyi, bavuza induru, "Umwe muri bo, umwe muri bo, yishimiye ko mvuze ko ndi umwe muri bo!"

48 Ndibwira nti: "Mbega! Yemwe!" Ikintu cya mbere muzi, hano haje umuntu amanuka hariya, agenda abyina cyane nk'uko ashoboye. "Tuh-tuh-tuh-tuh-tuh," Naratekereje nti: "mbega imyitwarire y'itorero! Sinigeze numva ibintu nk'ibyo." Nakomeje kubitegereza, hirya no hino. Mwibaze, "Ni byiza, ni ikihe kibazo ku isi cy'aba bantu?"

49 Noneho, mwunvise mvuga amateka y'ubuzima bwanjye, aho nakoreye ayo materaniro ahongaho. Ariko iki ni ikintu kimwe ntigeze mvuga, sinigeze mbibabwira mbere, ku mugaragaro. Rero ba. . .Noneho, niba mushaka kuyikuramo amajwi yanyu, kubera iki, mushobora kubikora. Ni byo. Noneho, muri ibi narebye, none ubu ndatekereza nti: "Ni byiza, ba bantu ni abantu bishimye cyane nabonye mu buzima bwanjye." Ntabwo batewe isoni n'idini ryabo. Twebwe Ababatisita tugira isoni nkeya, rimwe na rimwe, murabizi. Murareba? Kandi iyo bagiye gusenga, murabizi, njya inyuma y'icyuma gitanga umuyaga, murabizi. Kandi—kandi, ariko twe. . .Ariko bo abantu ntabwo bari, mwene Data, bo—bari bashyize idini imbere, hanze, no hirya no hino yabo.

50 Ni byiza, ndibuka iryo joro ngeze ku ruhimbi. Naravuze nti: "Ababwiriza bose baze ku ruhimbi." Ryari ikoraniro. Bagombaga kuba bafite hano mu Majyaruguru, twitaye

ku—twitaye ku bwoko bw'ikibazo, amategeko ya Jim Crow wo mu Majyepfo. Bose rero bahuriye ahongaho hose. Rero nari nicaye aho. Na we aravuga ati. . . Ni byiza, ubu hari. . . Numvise ababwiriza bose kuri uwo munsi nijoro. Bavuze ko umuvugabutumwa umwe ukuze, yari umusaza w'umwirabura, ufite akantu gato k'umusatsi kazengurutse umutwe, nka *gutyo,* yari munini ashaje muremure wambaye ikote ry'ababwirizabutumwa, murabizi, fulari mw'ijosi, ituma ashyuha. Umusaza mugenzi wacu w'umukene yinjira ahongaho nka *gutya*. Yaravuze ati: "Bana banjye nkunda," aravuga ati: "Ndashaka kubabwira," nahawe gutanga ubuhamya. Ni njye wari muto mu bari bicaye ku ruhimbi. Nuko aravuga ati: "Ndabibabwiye!" Yafashe ibyanditswe bye avanye muri Yobu bivuga biti: "Wari uri he igihe nashyiragaho imfatiro z'isi? Mbwira aho zifungiwe."

51 Aba bavugabutumwa bandi bose babwirizaga ibya Kristo, bakiruka bisanzwe. Nabateze amatwi, ndabishimira. Ariko ntabwo ari uriya muhungu ukuze! Yagarutse aho rero nko mu myaka ibihumbi icumi mbere y'uko isi itangira. Yazamutse mu Majuru, maze aramanuka anyura mu birere, kugira ngo yitegereze ibihabera. Ibyo babwirizaga, bigenda, mu gihe cy'umunsi; yabwirizaga ku bibera mu Ijuru. Yagaruye Kristo ku mukororombya utambitse, amukuye inyuma aho ahantu h'Iteka. Kubera iki, yari ataramara iminota igera kuri itanu abwiriza kugeza ibwo Ikintu cyafataga uwo musaza. Yasimbukiye mu kirere akomanya udutsinsino, maze arasakuza ati: "Mbega wee!" Yari afite icyumba kinini nk'icyo mfite hano. Aravuga ati: "Ntushobora kumbonera umwanya uhagije wo kubwiririzamo," nuko aragenda.

52 Ni byo, naratekereje nti: "Niba ibyo byakorerwa umugabo ufite imyaka mirongo inani, byagenda bite kuri njye? Ni byo nshaka. Ni byo nshaka."

53 Ariko icyabinteye ni iki. Noneho, turimo kuvuga ku madayimoni. Icyabinteye, nitegereje abagabo babiri. Umwe yicaye ku ruhande rumwe, undi ku rundi. Kandi igihe Umwuka wamanukaga, abantu barahagurukaga bakavuga mu ndimi bagasakuza, hanyuma bakazana urufuro omu kanwa. Naratekereje nti: "Yoo, mbega, iyaba nabashaga kugira ibyo byonyine!" Murareba? "Mbega byiza! Yoo, ni ibyo. . . Ndabikunda gusa!" Ni byiza, nasohotse mu murima w'ibigori. Nuko mbabwira inkuru y'amateka y'ubuzima bwanjye. Murabisoma mu gitabo. Narasinziriye ijoro ryose. Nuko ngaruka bukeye bwaho, maze nibwira ko nagerageza. Mfite uburyo bwo gukora ibintu umuntu atamenya uretse Imana na njye. Rero, ku buryo, mfata umugani nkajya guhura n'umwuka w'umugabo. Murabibona hano ku ruhimbi. Murareba? Noneho rero naje kuvugana n'umwe muri abo bagabo. Ndababona, bashyira hamwe, kandi bahana ibiganza bakabyina bagasakuza.

Naratekereje nti: "Oh, mbega, ibyo birumvikana kuri njye!"

54 Nuko mfata kimwe mu biganza bye. Ndavuga nti: "Uraho, mugenzi wanjye?"

55 Aransubiza ati: "Uraho." Umugabo mwiza cyane, mugenzi wacu wiyubashye. Aravuga ati . . .

Naramubajije nti: "Uri umukozi w'Imana?"

Aransubiza ati: "Oya, mugenzi. Ndi umunyamuryango gusa."

56 Nuko nairana ikiganiro gito na we kugirango nshobore gusingira umwuka we. Murareba? Ntabwo yari abizi. Nta muntu n'umwe wari ubizi. Ntabwo nigeze mbivugaho. Imyaka yakurikiyeho, mbere y'uko mbivuga. Rero ba . . . Ariko naje kubimenya, byumvikanye nk'ukuri, nk'umuntu utunganye, umugabo w'Umukristo! Uwo mugabo rwose yari umutagatifu w'Imana. Naratekereje nti: "Mwene Data, ni byiza."

57 Ariko igice kidasanzwe, ubwo nafataga undi mugabo, nasanze bitandukanye. Ndetse yabanaga n'umugore utari umugore we. Ni byo. Kandi nabonye rimukurura, iyerekwa. Naratekereje nti: "Yoo, mbega, ntibishobora kumera gutyo." Nuko umugabo . . . Naratekereje nti: "Noneho, ubu, uyu mwuka muri abo bantu si uw'ukuri. Ni uko bimeze kuri icyo kibazo."

58 Iryo joro rero ubwo i . . . yajyaga mu materaniro, imigisha yari irimo kumanuka, nagombaga gusenga Imana, n'Umwuka Wera, Malayika w'Uwiteka atanga ubuhamya ko ari Umwuka Wera. Kandi wa Mwuka umwe wamanukiye kuri *uyu* mugabo amanukira no kuri *uriya* mugabo. Kandi igihe Umwuka wamanukaga, bombi barabyutse, bombi baranguruye amajwi, barasakuza maze basingiza Uwiteka, nuko bavuga mu ndimi barabyina. Ndavuga nti: "njyewe—njyewe—njyewe gusa sinshobora kubibona, Mwami. Uwiteka . . . Sinshobora kubibona muri Bibiliya, aho ibyo bishobora kuba ukuri." Noneho ndavuga nti: "Ahari narashutswe." Murareba? Naravuze . . . Noneho, hano, njyewe—sjyewe Sinshobora . . . Ndi—ndi ushingiye rwose kuri Bibiliya. Bigomba kumera gutya. Murareba? Naravuze nti: "Mwami, uzi imiterere yanjye, nanjye—nanjye nabibonye mu Ijambo Ryawe. Kandi njyewe—sinshobora kubyumva. Iyo Umwuka Wera umanukiye *uyu* mugabo, Umwuka Wera umanukira n'uriya mugabo, kandi umwe muri bo ni umukiranutsi undi na we ni indyarya. Kandi nzi ko ari byo." Ndabizi. Nta . . . Nashoboraga gufata uwo mugabo maze nkabimwereka, cyangwa nkamuhamagara ahongaho nkamubwira ku bijyanye n'ibyo.

59 Nk'uko nashoboye kubibwira uriya mugabo wari wicaye hano mw'ijoro ryakeye, nta kindi cyari cyo uretse i—indyarya, niba hari uwigeze kwicara hariya. Kandi nari nkwiye kubivugaho, ariko yari guhaguruka agatangira gusakuza.

Gusa rero narabiretse, kubera amateraniro, ariko ndamuzi. Yego, mugenzi.

Hari hari umwe, babiri muri bo, bicaye aho inyuma, mu rindi joro, ni itorero runaka hano mu mujyi. Abaneguranyi ba nyabo! Narababonye. Ariko, niba mubishaka, yahita ateza ikibazo. Nabikoze inshuro nyinshi. Gusa narabaretse, murareba. Byose ni byiza. Imana irabizi, ni yo Mucamanza. Reka bampamagare inshuro imwe, hanyuma muraza kubona ikintu kibaye, murareba, mumureke.

Kimwe na dayimoni, ntabwo nigeze ncokoza dayimoni. Gusa yaje aho ndi inyanduranyaho. Icyo ni cyo gihe Imana yagiye ku murimo, murareba, ni byo, kandi mwabonye ibyabaye. Ni byo. Ariko narabiretse. Nakoze iteraniro ritoroshye, kuko uwo mwuka wagendaga muri njye igihe cyose, murareba. Ku bw'ibyo narakomeje.

60 Ariko ubu, aba bagabo, sinshobora kubyumva. Kandi hashize imyaka ibiri, cyangwa itatu, ubwo nari hejuru kuri Green's Mill, Indiana, hano, mu kigo cy'abasukuti. Nagarutse mu buvumo bwa kera aho najyaga gusengera. Nsubiyeyo, naravuze nti: "Mwami, sinshobora kumva uko bigenda muri iri tsinda ry'abantu. Abantu beza nabonye mu buzima bwanjye, kandi si—sinshobora kumva uburyo ibyo bishobora kuba umwuka mubi. Iyo ari. . .niba ubwo. . .Uzi ubunyangamugayo bw'umutima wanjye. Uzi ukuntu Wowe ngukunda n'uburyo ari Wowe nakoreye. Kandi Umwuka umwe uri hano, hamwe nanjye, wari kuri abo abantu. Kandi hano Wari kuri uriya musore, ahongaho, kimwe." Ntabwo rero nashoboraga kubyumva.

61 Uwiteka amanuka mu mbabazi Ze maze aranyereka. Dore aho rwari ruzingiye. Bigomba kuba ari Ibyanditswe, mbere na mbere. Yaravuze ati: "Fata Bibiliya yawe." Nuko mfata Bibiliya yanjye. Ndakeka ko nafashe iyo Bibiliya mu minota icumi nta muntu. . .nta rindi Jambo ryose rije. Nategereje akanya gato. Nongera kumva avuga ati: "Rambura mu Baheburayo 6 hanyuma utangire gusoma." Nuko nanjye ndabikora. Kandi iyo imanutse hariya, aho Yavuze iti: "Imvura igwa ku isi ngo iyuhire inayitegure, iyambike ngo ibe icyo iri cyo. . .ariko amahwa n'amatovu, biri hafi yo kwangwa, iherezo ryabyo ni ugutwikwa." Kandi ndabifata kugeza ahongaho.

Naratekereje nti: "Hano. Imana ishimwe! Hano." Murareba?

62 Yesu yaravuze ati: "Umubibyi yagiye kubiba imbuto," si byo? Ubungubu, abari hano mwese muri Abakristu. Umuntu wese yarambuye amaboko, uko byagenda kose, Pentekote, Abakristo bavutse ubwa kabiri. Byose. Bo. . .Nuko Aravuga ati: "Umubibyi arasohoka, abiba imbuto. Igihe yari asinziriye. . ." Ikiruhuko cye, urupfu, hagati aho. Murareba? "Mu gihe yari asinziriye, umwanzi araza abiba urumamfu muri uwo murima." Urumamfu ni iki? Ibyatsi bibi, amahwa n'ibindi. Noneho,

"Kandi igihe umugabo (umubwiriza) yabonaga urwo rumamfu rukura, aravuga ati: 'Reka njye kururandura.' Yaravuze ati: 'Oya, oya. Warurimburana n'ingano. Reka byombi bikurire hamwe.'"

63 Hanze hano hari umurima w'ingano. Hrimo ibyatsi biranda hasi, imipira ya netele, ibyatsi bihumura, n'ibindi byose birimo. Ni byo? Ariko, noneho, muri byo harimo n'ingano. Noneho, imvura igwa ku isi, kugira ngo ibyuhire. Ubu, imvura igenewe iki? Ntabwo ari ukuhira imipira ya netele. Noneho murareba kandi mwitonde. Ntabwo ari ukuhira ibyatsi biranda hasi. Imvura yoherejwe kubw'ingano, ariko umupira wa netele n'ibyatsi bihumura nabyo bigira inyota nk'ingano. Kandi ya mvura imwe igwa ku ngano ni nayo igwa kuri ibyo byatsi. Kandi ibyatsi bihumura bitoya bishaje bizahagarara neza byemye nka gutya, byishimye kandi binezerewe, nk'uko ingano nto zizahaguruka zikihagurutsa zo ubwazo.

64 "Ariko muzazimenyera ku mbuto zazo." Ni aho mugeze. Murareba? Noneho, Umwuka Wera umwe ushobora guha umugisha indyarya. Ibyo byashyize hanze bamwe muri mwe Abarumaniya, ariko uko ni Ukuri. Uko ni Ukuri. Bigishijwe gukiranuka, ni uko nizera mu gukiranuka, nako. Ariko Umwuka umwe, imvura igwa ku bakiranutsi n'abakiranirwa, ariko muzabamenyera ku mbuto zabo.

65 Iyo ndebye hanze nkajya gushaka ingano, mbona ingano, ariko urumamfu rwose ruba rurahambiriwe. Kandi byombi bibaho ku mvura imwe yagwiriye ingano. Kandi imvura ntabwo yohererejwe urumamfu, yohererejwe Ingano. Ariko imvura iba mu murima, ingano zikaba . . . urumamfu ruri mu murima w'ingano, rwabonye inyungu nyinshi mu mvura nk'uko ibindi byose byabigenje. Kandi imvura imwe yatumye ingano zibaho, ituma n'urumafu rubaho.

66 Ibintu byose muburyo busanzwe bwa kamere bishushanya ibyumwuka, nkuko tubyigisha. Ngiyo, inyigisho ku miterere zamadayimoni, amadayimoni yigana ubukristo, nyamara, hamwe n'umugisha. Ntabwo ayo ari amata asukuye, bakundwa, niba ushobora kuyafata. Murabyumva? Murabyumva? Noneho, ni—ni ukuri.

67 Noneho, ntabwo nakijijwe uyu munsi kuko nshobora gusakuza. Nakijijwe kubera ko numva nkijijwe. Nakijijwe kuko nujuje ibisabwa n'Imana muri iyi Bibiliya. Yesu yaravuze ati: "Uwumva wese Amagambo yanjye akizera Uwantumye, afite Ubugingo buhoraho, kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu agiye mu Bugingo." Ndabyizera. Ni byo. Kandi kuri bo bansaba ndakizwa, kuko Imana yabivuze.

68 Niba yarambwiye ngo ukijijwe kuko hari umuntu wavuze ati: "Umuyaga mwinshi wankubise mu maso," ni byiza, ariko ndashaka kumenya aho uwo muyaga ukomeye wihuta uturuka mbere y'uko unkubita mu maso, murareba. Ubu, ni ubuhe

buzima ugiye kubaho nyuma y'uko uwo muyaga mwinshi wihuta umaze kugukubita? Murareba? Murareba, umenyekana ku bw'imbuto zawe wera. Rero, amadayimonibashobora gukorera neza mu Bakristo. Murabyizera? Murebere kuri Pawulo, Pawulo yaravuze ati: Murebe Pawulo . . .

69 Noneho hano ni ho hari Imvura y'igihe kizaza . . . Niba hari umwe muri mwe uri hano, mbabarira niba hari icyo nkubwiye kikubabaje. Ntabwo nakuvugaho ikikurwanya kuruta uko nabikora abo mu materaniro, cyangwa uwo ari we wese, Umubatisita, cyangwa undi wese. Ukuri ni ko Kuri. Aho wavuye, byari ibi: urimo kwihangira abahanuzi muri bo abantu n'ibintu bitari abahanuzi. Abahanuzi ntabwo "barambitsweho ibiganza" hanyuma ngo boherezwe. Abahanuzi barivukira. Murareba? Muri Bibiliya, harimo *impano* yo guhanura. Hariho aho mukorera amakosa, hagati y'impano yo guhanura n'umuhanuzi. Impano . . .

70 "Imana, mu bihe by'izuba kandi no mu buryo butandukanye yavuganye na ba sogokuruza binyuze mu bahanuzi, muri iyi minsi ya nyuma yabinyujije mu Mwana Wayo Kristo Yesu." Kandi Umubiri wa Kristo ufite impano icyenda z'umwuka ziwukoreramo. Kandi bushobora kuba kuri *uyu* mugore iri joro, ubuhanuzi, ntibushobora na rimwe kubaho ubuzima bwe bwose. Bushobora kuba kuri *uyu* mugore ijoro rikurikiyeho. Bushobora kuba kuri *uyu* mugabo ubutaha. Bishobora kuba kuri *uriya* uri hariya inyuma, ubutaha. Ibyo ntibimugira umuhanuzi, ntibigira umuntu kuba umuhanuzi. Ni impano y'ubuhanuzi muri wowe.

71 Kandi mbere y'uwo mugabo cyangwa ubwo buhanuzi buhabwa itorero, bugomba gucirwa urubanza imbere y'abacamanza babiri cyangwa batatu. Ni byo? Nk'uko bimeze ubu, Pawulo yaravuze ati: "Mwese mushobora guhanura, umwe umwe." Niba hari ikintu gihishuriwe uyu, reka undi aceceke. Ni byiza, ibyo noneho byatuma agatsiko kose kaba abahanuzi, ukurikije inyigisho z'ubu. Oya, itorero rya pentekote, twabonye ibintu byose byaribiteguye. Kandi ni yo mpamvu Imana idashobora kwinjira, kugeza igihe turinganirije ibintu neza kandi kuri Bibiliya. Ni byo. Ningombwa kubona inzira ikwiye. Ni gute uzajya wubaka inzu utarebye ku gishushanyo mbonera? Murareba? Ubone gutangira neza.

72 Noneho, muri yo, umuhanuzi, ntabwo wigeze ubona umuntu uhagarara imbere ya Yesaya, Mose. Umwe yarahagaze, Kora, umunsi umwe, agerageza kumutonganya, Imana iravuga iti: "Witandukanye na we, Ngiye gukingura isi kandi . . . " Havutse umuhanuzi. "Impano no guhamagarwa . . . -mu kwihana." Ni byo Imana yamuteganyirijwe mbere, kuva ari umwana kugeza akuze. Ibintu byose byari byiza rwose, neza ibyo yavuze ni ukuri kandi kwarahamirijwe gushyirwa ahagaragara. Ni Ijambo ry'Imana, riza ku muhanuzi. Ariko impano y'ubuhanuzi iri mu itorero.

73 Noneho waravuze uti: “Ni byiza, abahanuzi ni Isezerano rya Kera.” Oya, oya! Isezerano Rishya ryari rifite abahanuzi.

74 Agabus yari u—yari umuhanuzi wo mu Isezerano Rishya. Mwitegereze Umwuka w’ubuhanuzi umanuka hariya maze ukabibwira Pawulo. Noneho hano haza Agabus amanuka i Yeruzalemu, ahasanga Pawulo, amukenyeza umukandara, arahindukira aravuga ati, “UKU NI KO UWITEKA AVUZE, umuntu wambaye ibi azaboheshwa umunyururu ageze i Yerusalemu.” Agabus, arahaguruka aravuga, yavuze mbere ibizaba, yari umuhanuzi, ntabwo yari umuntu ufite impano yo guhanura.

75 Ni impano yo gukiza n’izo mpano zose, nshuti yanjye y’Umupentekote, wayibonye ivangiye. Impano ziri mu itorero, zigirwa n’abantu bose bo mu itorero, umuntu wese wabatijwe mu Mubiri. “Ku bw’Umwuka umwe twese twarabatirijwemo.” Kandi Bibiliya yaravuze . . .

“Ni byiza, nabonye impano yo gukiza abarwayi.”

76 Bibiliya yaravuze iti: “Atura amakosa yawe kuri mugenzi wawe, kandi musabirane.” Reka umuntu wese asengere undi. Ntabwo turi itsinda ryacitsemo ibice; turi bamwe, itsinda ryakoranijwe. Murareba?

Noneho, kandi hariho uburyo amadayimoni rimwe na rimwe akora.

77 Noneho murebe ibyo Pawulo yavuze, “Niba umwe avuze mu ndimi undi azisobanure, kandi ibyo yavuze byose, reka bibanze bigenzurwe mbere y’uko itorero ribyakira.”

78 Noneho, ntabwo bizaba ari ugusubiramo Ibyanditswe, cyangwa ikindi kintu nk’icyo. Imana ntiyisubiramo. Ariko bizaba ari imbuzi ku itorero. Noneho niba abacamanza beza bavuga bati: “Reka tubyakire.” Ni byiza, byari iby’Uwiteka. Uwa kabiri ati: “Reka tubyakire.” “Akanwa k’abatangabuhamya babiri cyangwa batatu, reka ijambo ryose rishingirweho.” Noneho itorero ribyakire kandi rijye kubitegura. Niba ibyo bitabaye, ibyavuzwe, noneho mwkiriye umwuka mubi muri mwe. Ni byo. Niba kandi bibaye, shimira Imana, Umwuka w’Imana uri muri wowe. Murareba? Noneho, aho ni ho ugomba kureba no kwitondera. Ntugerageze rero guhata. Ntabwo nashobora kwihindurira amaso y’umukara mfite ay’ubururu, murareba, ngomba kunyurwa n’amaso y’ubururu. Noneho, hari aho amadayimoni akorera mu bice by’abantu b’abanyamwuka.

79 Noneho dufite ikintu cyimbitse kije hano, kandi nizere ko kitimbitse bhagije. Noneho muri Samweli wa mbere 28, ndashaka gusoma Ibyanditswe hano nonaha. Ndashaka ko mutega amatwi neza. Kandi ndashaka kuzana “amadayimoni,” mbereke uko akora neza mu itorero, n’uburyo Satani afite guhimbira kuri buri kintu nyacyo kiriho. Noneho mushobora

kubona, nk'uko Bibiliya ibivuga, amadayimoni aza mu Bakristo kandi akigana.

80 Kandi inshuro nyinshi twatangaje ko abantu baba Abakristo iyo bavuze bati: "Nizera Yesu Kristo." Kubera iki, amadayimoni yizera ikintu kimwe, bagahinda umushyitsi. Icyo ntabwo ari ikimenyetso ko wakijijwe. Rimwe muri aya majoro ndashaka kujya mu matora, hanyuma muzabona icyo agakiza gasobanura. Murareba? Nta kintu wagombaga kubikoraho, mbere na mbere, cyangwa bwa nyuma, cyangwa nta kintu mushobora kubikoraho. Imana ikiza umuntu, nta mpamvu. Muhungu, ibyo biracengeye cyane, si byo? Noneho, gusa bishobora no kuvana ibyo muri gahunda yawe, mu gihe turimo. Ni byo.

81 Aburahamu yari intangiriro yo kwizera kwacu. Ni byo? Yoo, Aburahamu yari afite amasezerano. Kandi Imana yahamagaye Aburahamu kuko yari umuntu ukomeye, ndakeka? Oya, Mugenzi. Yamanutse ava i Babiloni, muri—mu gihugu cy'Abakaludaya, mu mujyi wa Ur, nuko Imana iramuhamagara, isezerana na we, ntacyo ishingiyeho. "Ngiye kugukiza. Ntabwo ari wowe gusa, Aburahamu, ahubwo ni Imbuto yawe," ntacyo nshingiyeho.

82 Imana yagiranye isezerano n'umuntu kandi umuntu yica isezerano igihe cyose; umuntu ntiyigeze yubahiriza amasezerano yagiranye n'Imana (Amategeko ntiyigeze yubahirizwa; ntibashoboraga kubahiriza amategeko; Kristo yaje maze akuraho amategeko, We ubwe.) 'Kubera ko ubuntu bwari bwaramaze gutegura umukiza, Mose, yatanze inzira yo guhunga, hanyuma arahunga, hanyuma abantu baramukurikira, nyuma y'ibyo, baracyashaka ikintu cyo gukora. Umuntu ahora agerageza gukora ikintu kugira ngo yikize, mu gihe udashobora kubikora. Ni kamere ye. Akimara kumenya ko yambaye ubusa, mu busitani bwa Edeni, akora utubindo tw'ibibabi by'umutini. Si byo? Ariko yasanze bitazagira icyo bimara. Ntacyo umugabo ashobora gukora gishobora kugukiza wenyine. Imana iragukiza, ntacyo ishingiyeho, byose kuva kera. Noneho iyo ukijijwe, uba ukijijwe.

83 Murebe Aburahamu. Ahongaho uwo mugenzi we, yari yerekeje, Imana imuha igihugu cya Palesitine iramubwira ngo ntakivemo. Umuyahudi wese wavaga muri Palesitine yabaga subiye inyuma. Imana yamusabye kuguma yo. Niba Imana ikubwiye gukora ikintu, kandi ntugikore, noneho uba usubiye inyuma. Si byo? Ni byiza, amapfa aratera, kugira ngo igerageze kwizera kwa Aburahamu. Kandi aho kugira ngo Aburahamu agumeyo, oya, ntashoboraga kuguma yo, yarirutse, maze afata Sara bagenda ibirometero magana atatu (icyampa nkabona umwanya wo kubigeraho) aramanuka ajya mu kindi gihugu.

84 Agezeyo, amanukana n'uwo mwami ukomeye, Abimeleki. Yari umusore ukiri muto kandi yashakaga umukunzi, nuko

asanga muka Aburahamu, Sara, aramubenguka. Aburahamu na we ati: "Noneho, umubwire ko uri mushiki wanjye kandi ko ndi musaza wawe."

85 Ibyo rero byashimishije Abimeleki, nuko aravuga ati: "Ni byiza, tuzamujyana gusa mu ngoro y'umwami." Kandi ndakeka ko abagore bamukosoye, kandi yari agiye kumurongora ku munsi ukurikiraho.

86 Abimeleki yari umuntu mwiza, w'umukiranutsi. Muri iryo joro, igihe yari asinziriye, Uhoraho aramubonekera maze aramubwira ati: "Uri mwiza nk'umuntu wapfuye." Aravuga ati: "Umugabo . . . Umugore wabonye hariya ugiye kurongorana, ni umugore w'undi mugabo." Noneho mwitegereze. "Umugore w'undi mugabo."

87 Kubera iki, yaravuze ati: "Mwami, Uzi ubusugire bw'umutima wanjye," ukiranuka, umuntu wejejwe. "Uzi ubunyangamugayo bw'umutima wanjye. Uwo mugabo yambwiye ko ari 'mushiki we.' Ese ntiyambwiye yambwiye, we ubwe, ko ari 'musaza we'?"

88 Yaravuze ati, Imana yaravuze iti: "Nari nzi ubunyangamugayo bw'umutima wawe, kandi ni yo mpamvu nakubujije gucumura. Ariko uwo ni umuhanuzi wanjye!" Haleluya!

89 Yari iki? Usubiye inyuma, ho gato, kubeshya ngo ni mushiki we. Ibyo ni byo? Yoo, oya, nta binyoma byera. Ni ibinyoma byirabura cyangwa se ntabwo ari ibinyoma na gato. Umugabo yicaye hanze abeshya ibinyoma bidashinga, avuga ko ari "mushiki we" mu gihe yari umugore we, akubita hirya no hino mu gihuru, nuko asubira inyuma.

90 Kandi hano hari umukiranutsi uhagaze imbere y'Imana, maze aravuga ati: "Mwami, uzi umutima wanjye."

91 "Ariko sinzumva amasengesho yawe, Abimeleki, ariko mujyane . . . musubize inyuma maze ureke agusengere. Ni umuhanuzi wanjye; Nzamwumva." Yego, usubira inyuma, umubeshyi, ariko, "Uwo ni umuhanuzi wanjye." Ibyo ni Ukuri? Iyo ni Bibiliya.

92 Noneho, ntukajye kure cyane hano ku ruhande rwa Calvinistic, "Rimwe mu buntu, buri gihe mu buntu," 'kubera ko uzakorwa n'isoni. Murareba? Noneho, akanya gato, tuzabona umwanya muri iki cyumweru ko kuzana ibyo hejuru no kukwerekana urwego bigezeho. Ariko ntimutekereze gusa ngo kubera ko mwakoze ikintu kibi ko murimbutse burundu. Uri umwana w'Imana, wabyawe n'Umwuka w'Imana, muri abahungu n'abakobwa b'Imana, kandi n'imbuto zizabihamya ubwazo. Ni uko muhagaze.

93 Noneho, hano turi, twicaye mu gihugu. Noneho, ndashaka gusoma hano, ku murongo wa 6.

*Sawuli ahera ko agisha Uwiteka inama, Uwiteka ntiyagira icyo amusubiza haba mu* nzozi, *haba* na *Urimu, haba* n'abahanuzi.

*Sawuli aherako abwira abagaragu be ati: "munshakire umugore ufite umwuka umenyereye kugirango nsange."*

Nshobora gushyira ikintu ku nkoni hano, kubwo... "Munshakire umugore umenyereye gushika."

...*Nuko* abagaragu *be baramusubiza bati: "hari umushitsikazi ubimenyereye* muri *Endori."*

*Nuko Sawuli ariyoberanya ubwe maze yambara indi myambaro, ajyana...n'abagabo babili, maze bajya kuri uwo mushitsikazi nijoro: Nuko baravuga bati: "Ndakwinginze,...-nshikishiriza umwuka wawe uguhanzeho, maze unzurire...uwo nkubwira."*

*Nuko uwo mugore aramusubiza ati: "mbese ntuzi icyo Sawuli yakoze,* uko yarimbuye *abahanzweho n'imyuka mibi n'abashitsi akabaca mu gihugu:* kubw'ibyo...*ni iki gitumye utega ubugingo bwanjye umutego kugira ngo unyicishe?*

*Nuko Sawuli amurahira Uwiteka ati: "Nkurahiye Uwiteka uhoraho, icyo cyo ntuzagihanirwa"...*

*Uwo mugore aramubaza ati: "nkuzurire...nde? nawe ati: "Nzurira Samweli."*

*Ariko uwo mugore abonye Samweli, atera hejuru n'ijwi rirenga: maze abaza Sawuli ati: "Umbeshyeye iki kandi ari wowe Sawuli."*

*Umwami aramusubiza ati: "Humura! mbwira icyo ubonye? Nuko umugore ati: "mbonye imana zizamuka ziva ikuzimu."*

*Sawuli aramubaza ati: "arasa ate?" nawe ati: "Ni umusaza uzamutse kandi yiteye igishura." Nuko Sam-...(*Ni byo, iyo yari imyenda y'umuhanuzi, birumvikana. Murareba?*)...amenya ko ari Samweli, arunama maze...yubika amaso ye aramuramya.*

*Nuko Samweri abwira Sawuli ati: "Ni iki gitumye unkubaganira ukarinda kunzamura?" Nuko Sawuli aramusubiza ati: "nihebye," kubera ko Abafilisitiya banndwanya, kandi Imana ikaba yarantaye, itakigira icyo insubiza, ari mu* bahanuzi, cyangwa *mu* nzozi: *ni cyo cyatumye njye...nguhamagara ngo unsobanurire icyo* nkwiriye *gukora.*

Nuko *Samweri aravuga ati: "none se... ubimbarije...iki, aravuga* ati, *ubwo* UWITEKA *yarakuretse ahinduka umwanzi wawe?*

> *Kandi* Uwiteka ubwe *yamugenje nk'uko yabivugiye muri njye:* Uwiteka *yamuciye ku ngoma* ayiha *umuturanyi* we. . . *Dawidi:*

94 Noneho, benshi muri mwe, mumenyereye ibi. Noneho turashaka kugenda neza, kandi Imana idufashe nonaha, mu mwanya muto, kugira ngo twinjire muri ibi. Noneho murebe. Hariho umugabo, Sawuli, wahoze afatwa nk'umuhanuzi, kuko yahanuranye n'abahanuzi. Mbese ibyo ni byo, barimu? Noneho, hano umugabo yasubijwe inyuma. Si byo? Ariko mwibuke aho Samweli yavuze ko azaba ari kumwe na we, ku munsi ukurikiyeho. Yagiye mbere y'igihe, murareba. Ni byiza, niba utemera Imana, Imana izagukura ku isi.

95 Murebe mu rwandiko rw'Abakorinto hariya, uko Pawulo yashyize abo bantu kuri gahunda. Yaravuze ati: "Ubwa mbere, ndashimira Imana kubwanyu, ko nta kintu nk'iki kiri hagati yanyu, n'ibindi, n'uburyo mu—mutagera ku mpano y'umwuka." Mbabwira icyo bari cyo, mu mwanya barimo, muri Kristo. Ahita atangira kubashyiraho inyundo, ababwira iby'abagore b'ababwirizabutumwa, n'uko bameze, n'uburyo baririye ku meza y'Umwami.

Ndetse n'umugabo umwe ubana na nyirarume, abwira uyu mugabo muri Kristo ati: "Mumuhindukize mumwerekeze kuri satani, kubwo gusenya umubiri, kugira ngo ubugingo bukizwe." Murareba, ni byo, kumuhindukiza. Bibiliya yaravuze iti: "Kubw'iyi mpamvu benshi muri mwe bararwara bakagira n'intege nke, kandi benshi barasinziriye," bagiye mbere y'igihe kubera icyaha. Imana yabakuye mu nzira; ikimenyetso cyiza ko wari umukristo, niba warafashwe.

96 Noneho rero, murebe hano, Sawuli yafatwaga nk'umwe mu bahanuzi, cyangwa ubarirwa mu bahanuzi, kuko yahanuye. Noneho yari yarasubiye inyuma, kuko atumviye Imana, ubwami bwe bukurwa mu biganza bye bushyirwa mu biganza bya Dawidi, uwo Imana yari yarasize binyuriye kuri Samweli, hamwe n'ihembe ry'amavuta.

97 Mumenye rero, ko hari inzira eshatu bari bafite zo kumenya ibintu bivuye ku Mana; icya mbere cyari—cyari umuhanuzi, icya kabiri cyari inzozi, icya gatatu cyari Urimu na Tumimu. Kandi ntibigeze babasha gusubiza. Noneho, muzi umuhanuzi icyo ari cyo, muzi inzozi z'umwuka, kandi muzi Urimu na Tumimu icyo ari cyo. Murabizi, ejobundi nabajije u—umugabo ku bijyanye na Urimu, nuko uwo mugabo ntiyashobora kumbwira icyo ari cyo, Urimu na Tumimu. Ni byo koko, Imana irasubiza. Murareba?

98 Kandi satani akora ibyiganano bya buri wese muri bo; umupfumu, umuhanuzi w'ikinyoma, hamwe n'umushitsi. Murareba?

Noneho, Urimu na Tumimu byari bimanitse ku gituza cya Aroni, *hano*, kandi Urimu na Tumimu byatwikiraga

ayo mabuye. Nuko babimanika mu rusengero. Kandi iyo batabisobanukirwaga neza, babishyiraga imbere y'Imana, mu bisubizo, maze urumuri rukaka kuri Urimu na Tumimu, ibyo, byababaga ari ubushake bw'Imana, cyangwa atari bwo. Noneho, iyo Urim na Tumimu bitasubizaga. . . Noneho, icyo cyabaga ari igisubizo kiziguye kiva ku Mana.

Noneho, Urimu na Tumimu by'iki gihe; umupfumu uvuga amagambo meza yagiye muri uwo mwanya ngo abyigane; ni ikintu kibi. Imana iri mu butatu; Imbaraga z'Imana ziri mu butatu. Kandi satani ari mu butatu, n'imbaraga zayo ziri mu butatu. Kandi nshobora kubihamya nifashishije Bibiliya. Kandi Urimu na Tumimu. . . yari agakino ko kwigana gusa satani akoresha uyu munsi. N'umuhanuzi w'ibinyoma yagarutse hano uyu munsi, uwo dufite ubu, yari, cyangwa, umurozi, cyangwa umupfumu ahubwo, yafashe umwanya w'umuhanuzi, ku ruhande rwa satani. Murareba icyo nshaka kuvuga?

99 Noneho, Urim na Tumimu uyu munsi ni Bibiliya. Niba umuntu atanze ubuhanuzi cyangwa inzozi, kandi ntibugerereranywe cyangwa ngo buhure na Bibiliya y'Imana, ni ibinyoma. Ntimukabyizere.

100 Umugabo yaje aho ndi vuba aha, avuye mu Buhinde, aho ndimo gutekereza kujya, umubwiriza mwiza rwose. Aravuga ati: "Mwene Data Branham, nje hano." Ati: "Umugore yari afite Umwuka Wera, kandi," ati: "yari umugore w'ikizungerezi gusa, mwiza." Yaravuze ati: "Kandi yari yarashatse abagabo inshuro enye zose, yabanaga n'umugabo we wa kane. Nanjye ndavuga nti: 'Yego se, ibyo bishoboka bite, Mwami?'" Aravuga ati: "Naramwegereye ndamubwira nti: 'Yoo, icyubahiro kibe icy'Imana! 'Ati: 'Haleluya! Uwiteka ahimbazwe!'" Mubumwe gusa muri ubwo buryo, murabizi. "Aravuga ati: 'Haleluya! Uwiteka ahimbazwe!'" Aravuga ati: "Umiteka Uhoraho arambwiye ngo: 'Hano, ngiye kuguha inzozi.'" Aravuga ati: "Narose ko umugore wanjye, namubonye abaho mu busambanyi. Aragaruka aho ndi arambwira ati: 'Yoo, uraza kumbabarira, Victor? Uraza kumbabarira? Ntabyo nakoze. . .' 'Kubera iki, 'naravuze nti: 'rwose, nzakubabarira kandi ngusubize inyuma.'" Yaravuze ati: "Noneho, ibyo ni byo nakoze." Ati: "Murareba, ndababariye."

101 Naravuze nti: "Victor, inzozi zawe zari nziza cyane, ariko satani ni we waziguhaye."

Aravuga ati: "Kubera iki?"

102 Ndavuga nti: "Ntuzigerereranye n'Ijambo ry'Imana. Aba mu busambanyi. Rwose. Ntashobora kubana n'abagabo bane. Ni byo. Yaretse ibyo asubira uko yari ameze mbere, ameze nabi kurenza uko yari yatangiye. Agomba kubaho nk'ingaragu, ubuzima bwe bwose." Ndavuga nti: "Uzi ko utazigerereranya

n'Ijambo ry'Imana. Rero i. . .Inzozi zawe zari ibinyoma." Ndavuga nti: "Ntabwo byagereranywa n'Ibi."

103 Igihe umuhanuzi yari amaze gutanga ubuhanuzi, nabo baravuze, bashaka kumenya niba ubwo buhanuzi ari ubw'ukuri, babishyize imbere ya Urimu na Thummim. Niba kandi Ijwi ry'Imana ryashyize urumuri kuri Urimu na Tumimu, ubwo byababaga byuzuye, Ukuri. Niba kandi umuntu atanga ibisobanuro, agatanga inzozi, agatanga ikintu cya Bibiliya, cyangwa, cyangwa ikindi, kandi ntabwo kigereranywa na Bibiliya y'Imana, ni ibinyoma. Hano hari Urimu na Tumimu. Ijambo ry'Imana riravuga, kandi iryo ni Ijwi ry'Imana ry'ako kanya, nka Urimu na Tumimu mbere y'uko Bibiliya yandikwa. Amina! Haleluya! Ndumva ubu nuzuye guhimbarwa. Ntimumfate nk'umufana, niba mwabikora. Ndabizi, nzi aho ndi. Ntabwo mpishimiye. Ni byo.

104 Dore Ukuri, Ijambo ry'Imana! Sinitaye ku bwoko bw'inzozi warose, cyangwa ku bwoko bw'ubuhanuzi wahawe, niba bitari mu Ijambo ry'Imana, ni bibi, niba bidahura n'Ijambo. Ni byo ibibazo muri iki gihe. Umuntu arota inzozi, umuntu agira iyerekwa, undi agahabwap ururimi, undi akagira uguhishurirwa; biba bifite ibintu byose byangiritse ndetse n'ibindi byose, mwashyizeho amadini maze musenya ibintu byose. Mugomba kubigarura ku musingi wa nyuma, kandi iryo ni Ijambo ry'Imana. Ni byo.

105 Amatorero yubatswe kuri rimwe, byaravuzwe ngo: "Yoo, Yesu aje ku ifarashi yera. Ndabizi. Namubonye mu iyerekwa." Bakora itorero ryo muri ubwo buryo. "Yoo, haleluya! Aje ku gicu." Babikora muri ubwo buryo. Mubacecekeshe, kandi mwitandukanye, kandi muhamagare umwe ku wundi "sakabaka" na "akaroro," n'ibindi byose nk'ibyo. Kuki, mwene Data, birajya kwerekana ko, mbere na mbere, umutima wawe udakwiriye Imana iyo ukoze ibyo. Ni byo. Turi abavandimwe. Tugomba gukomera. Turakeneranye umwe ku wundi.

106 Noneho murebe. Sawuli yari yasubiye inyuma, arazamuka. We, Imana, yari yaramuhishe mu maso Hayo. Nuko arazamuka maze, abaza abahanuzi. Abahanuzi baragiye bagerageza guhanura, nuko Imana irabihagarika, ntiyashoboraga gutanga iyerekwa. Umuhanuzi arasohoka, ati: "Sinshobora. Oya. Ntabwo yigeze imbwira ibyawe."

107 Noneho, aravuga ati: "Mwami, mpa inzozi." Ijoro ku rindi, nta nzozi ziza.

108 Hanyuma yinjira muri Urimu na Tumimu, aravuga ati: "Mana! Nagerageje abahanuzi, Nagerageje inzozi, none Umfashe. Uzabikora?" Bihagarike gusa, nta Mucyo wacanye na gato.

109 Hanyuma yitabaje umurozi, buhoro, wangiritse. Aramusanga, yinjiramo, yiyoberanije. Nuko uyu mupfumu arasohoka ahamagara umzimu wa Samweli.

110 Noneho, nzi icyo murimo gutekereza. Benshi baravuze bati: "Ntabwo yari Samweli." Ariko Bibiliya yavuze ko yari Samweli, kandi koko yari Samweli. Biratangaje uburyo mufata ibyo, si byo? Ariko uwo yari Samweli. Bibiliya yavuze ko ari byo.

111 Uwo mupfumu yashoboraga kumuhamagara, nuko ahamagara Samweli. Kandi Samweli yari ahandi, ariko yari azi ibirimo kuba, kandi yari agihagaze yambaye umwenda w'umuhanuzi. Noneho, mwene Data, iyo upfuye, ntuba wapfuye, uba uri ahandi hantu.

112 Reka mpagarike umunota umwe, kugira ngo iyi Nyigisho ku madayimoni nyigarukeho gato. Yari umudayimoni, ariko yavuganaga cyane n'isi y'abazimu. Noneho, uyu munsi, hariho abanyamwuka benshi bazi muby'ukuri byinshi ku byerekeye isi y'abazimu kurusha abantu bavuga ko ari Abakristo, nyamara ari amadayimoni. No mu bihe bya Bibiliya ni ko byari bimeze.

113 Igihe Yesu yari hano kw'isi, hari hari abarimu n'intiti n'abigisha, bimwe mu byiza byari bihari, muri seminari nziza kuruta uko twakora uyu munsi. Kandi umuntu w'umukiranutsi, uzwi, ni ko bagomba kumera. Niba umulewi abonetse, yagombaga kuboneka ari nta makemwa, umukiranutsi muri byose. Kandi nyamara uriya mugabo ntabwo yari azi ibyerekeye Imana kuruta uko urukwavu rwamenye urubura. Ubwo Yesu yazaga, bananiwe kumumenya, Yesu bamwita "dayimoni." baravuze bati: "Ni Belizebuli, igikomangoma cy'amadayimoni." Ni byo?

114 Nuko hano haza ubwoko bwo hasi cyane bw'idayimoni, bwari bwaraboheye umuntu mu mva, kandi ibintu byose, barabihamagara. Satani ubwe yaravuze ati "Tuzi uwo uriwe. Uri Umwana w'Imana, Umwuka Wera umwe." Mbese ibyo ni byo? Abarozi n'abapfumu, amadayimoni, baramumenye ko ari Umwana w'Imana; mu gihe abize, ababwiriza ba seminari ya tewolojiya bamenye ko ari Belizeburi. Ni inde wari ufite ukuri, amadayimoni cyangwa umubwiriza? Ni amadayimoni. Kandi, mwene Data, ntabwo byahindutse cyane uyu munsi. Ntibazi imbaraga z'Imana.

115 N'ubwo waba warabonye inyigisho zingana gute, ushobora kuvuza ingoma muri wowe. Imana ntabwo ari amagambo menshi. Imana iri mu mutima. Mushobora guhagarara hano, mukavuga amagambo akomeye, ntamenya ayo ari yo, ibyo ntibyatuma mwegera Imana. Mushobora kwihagararaho no kwitoza uburyo bwo gusubiramo ikibwiriza cyanyu mukavuga ibi bintu, nyamara ntibitume mwegera Imana. Mushobora kwiga inkoranyamagambo kugeza muryamye nayo, kandi ntibishobore gutuma mwegera Imana. Umutima uciye bugufi, wubaha, mu

bwiyoroshye, ni cyo kibazanira Imana. Kandi ibyo ni ukuri. Amina! Umutima uciye bugufi, Imana irawukunda. Noneho, nta kibazo niba mutazi ABC yanyu, ibyo ntacyo bihindura. Umutima uciye bugufi! Imana iba mu mutima uciye bugufi; ntabwo ari mu burere, ntabwo ari mu mashuri, ntabwo ari muri tewolojiya, seminari, ntabwo ari ahandi hantu hatandukanye; ntabwo ari mu magambo aremereye, cyangwa ntabwo ari ahantu ha kera. Imana iba mu mutima w'abantu. Kandi uko ushobora kwicisha bugufi, ni ko ushobora kwiyoroshya, ushobora kuba mukuru imbere yImana.

116 Reka mbabwire ikintu. Ndabona imirima yanyu yuzuye ingano hanze aha. Umutwe wuzuyemo ingano uhora wunamye. Agace gato gashaje gashikamye hariya, kandi kuzunguruka nk'aho kazi byose, ntazo gafite mu mutwe. Iyo ni yo nzira ya benshi muri aba basore bibwira ko byinshi byuzuye mu mitwe yabo, nyamara nta kintu kiri mu mitima yabo, nyamara. Umutwe ukiranuka uzunamishwa ku Mbaraga, umenya Yesu Kristo nk'Umwana w'Imana, kandi wizera imirimo Ye.

117 "Kandi uko Yari ari ejo." Yoo, baramumenye, byanze bikunze, mu mateka. Ariko ntabwo ari ikintu cy'amateka. Abantu barahaguruka bakavuga bati: "Yoo, ndizera ko kuri Pentekote, ubwo bakiraga imbaraga z'amaraso n'ibindi nk'ibyo," maze bagashushanya umuriro. Umuntu ukonje ntashobora kota umuriro ushushanyije. Umuriro w'igishushanyo ntushyushya. Ni uko Bari bameze. Ni ibiki uyu munsi, niba uko yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko ari kandi ari ko azahora n'iteka ryose? Uwo ni umuriro ushushanyije. Bamwe muri bagenzi bacu barakonje kugeza gupfa, baravuga bati: "Nimwitegereze uwo muriro ukomeye bari bafite." Kubera iki, uwo ntiwagususurutsa.

118 Ibyo bakoze kuri Pentekote, ibyo bari bafite mu Isezerano rya mbere, turabifite n'uyu munsi! Kandi Imana ikimara gukuramo ikintu kigoroye, maze Itorero rikishyira hamwe, Izamurwa ryahita riba. Ariko ntidushobora no kwizera gukira indwara guturuka ku Mana, tutibagiwe n'Izamurwa, kuko twese twahindaguritse, umwe muri *ubu* buryo undi muri *buriya*. "Muganga *uyu n'uyu* akavuga ngo byari *ibi*. Ni byiza, umubwirizabutumwa wanjye yavuze ko Yari *Uyu*."

119 Hashize igihe, umugore yaravuze ati: "Ni umunyamafuti gusa." Ati: "Ni ko Padiri wanjye yambwiye." Nifuzaga ko padiri we yamanuka hano rimwe, maze tukareba utari umunyamafuti. Yego. Tuzareba umunyamafuti. Ngwino ubigerageze.

120 Hano nta gihe kininis gishize, i Harlingen, muri Texas, twari tuhafite umurimo. Kandi bari bafite ibimenyetso binini, hirya no hino mu modoka muri iryo joro ubwo najyaga yo, navuze ko FBI yari ihari kugira ngo igaragaze nk'umunyamafuti. Umwana w'umukobwa rero yari yakize indwara aho muri Texas ahantu runaka. Yari ahantu hejuru, kandi, njye—njye ndakeka ko, hari

nko mu bilometero igihumbi, uzamuka uzenguruka Panhandle. Kandi iyi yari inzira imanuka muri Harlingen, ijya hepfo ku mupaka. Mwene Data Baxter araza, aravuga ati: "Mwene Data Branham," aravuga ati: "ntabwo wigeze ugira akajagari nk'aka hariya hepfo, hafi abantu ibihumbi bine cyangwa bitanu." Aravuga ati: "Hanyuma, hirya no hino, FBI igiye kugufata kuri uyu mugoroba, igushyire ahagaragara."

Ndavuga nti: "Ni byiza, nzi neza ko ibyo mbyishimiye."

121 Aravuga ati: "Uzi uriya mukobwa muto wakize indwara ririya joro?"

122 Nari ntashye mvuye...njya mu cyumba cyanjye. Numvise ikintu gisakuza, ndeba hirya no hino. Natekereje ko wenda hari umuntu wagabweho igitero. Yari umukobwa. Nuko nsubiza amaso inyuma. Ndavuga...Maze nsubira inyuma, ndavuga nti: "Ufite ikihe kibazo, Madamu?" Kandi hari hari abakobwa babiri bato bahagaze aho, bafite hafi imyaka cumi n'irindwi, cumi n'umunani, buri wese, bahuje amaboko yabo umwe ku wundi, bataka.

123 Bati: "Mwene Data Branham!" Namenye icyo gihe ko bari banzi. Aravuga ati: "Twebwe, namuzanye inzira yose kugera hano." Aravuga ati: "Agomba kujya mu kigo cy'abarwayi bo mu mutwe." Kandi uwo umukobwa muto yari ari mu materaniro yanjye i Lubbock, muri Texas. Aravuga ati: "Nari nzi ko hari igihe nigeze kumugeza hano maze mukamusengera, ndizera ko Imana yagombaga kumukiza."

124 Ni byiza, ndibwira nti: "Ibyo ni ukwizera!" Nanjye ndavuga nti: "Muraho, mushiki wacu, mushobora kumubona..." Ako kanya ndavuga nti: "Wamanutse hano mu muhanda w'umuhondo, si byo?"

Aravuga ati: "Yego!"

Nanjye ndavuga nti: "Mama wawe ntacyo yimariye."

Aravuga ati: "Ni byo."

Ndavuga nti: "Uri uwo mu itorero rya Metodiste."

Aravuga ati: "Ni ukuri rwose."

125 Nanjye nti: "Mu muhanda ahamanuka, wari ugiye guhirima. Wowe n'uyu mukobwa wasekaga ubwo mwazaga aho hari igice cya beto na kimwe cya kabiri cya kaburimbo, kandi mwaje guhindukirira hafi aho."

Aravuga ati: "Mwene Data Branham, ni ukuri!"

Ndavuga nti: "Dore, UKU NI KO UWITEKA AVUZE, umukobwa arakize."

126 Bukeye yatwitse umujyi, abibwira abantu bose, arazenguruka hose. Yego, ntibamumenye hariya, ngo bamenye niba yarigeze kumera atyo cyangwa se atari byo. Hanyuma uwo munsi njyewe...Mwene Data Baxter yaravuze ati: "Mwene

Data Branham," aravuga ati: "abakobwa ba hariya hepfo barimo gupakira amavarisi yabo." Kandi iki ni ikintu kimwe atari azi ko nzi. Amafaranga yacu yari yagabanutse. Ntabwo nigeze ndeka ngo abivugeho. Ariko umwe muri abo bakobwa yari yashyizemo amadorari magana cyenda muri iryo—muri iryo turo ryo mu ijoro ryabanjirije ibyo, hanyuma ashira ayo mafaranga hejuru. Ubwo ntiyari azi, ntabwo abizi kugeza na n'ubu, ariko njye nari mbizi. Murareba? Ko njyewe. . . Imana yambwiye ko bizaba byiza.

127 Mwene Data Baxter ati: "Mwene Data Branham," ati: "byaba byiza undetse nkabanza ngakurura gato." Aravuga ati: "Bafite bimwe muri ibi hano abavuzi b'Imana hepfo aha bikuruye aba bantu gusa."

128 Ndavuga nti: "Ntacyo. Oya, mugenzi. Ntuzabikore. Mwene Data Baxter, igihe cyose ukuyemo amafaranga nka gutya, icyo ni cyo gihe wowe na njye duhana ibiganza nk'abavandimwe, nzagenda jyenyine." Murareba? Naravuze nti: "Ntabwo wabikora." Ndavuga nti: "Imana ifite inzuri ku misozi igihumbi, kandi zose ni izayo. Ndi Uwayo. Izanyitaho."

Aravuga ati: "Ni byiza."

129 Muri iryo joro nyine, aravuga ati: "Mwene Data Branham, reba hano. Umuntu. . . Reba hano! Dore ibahasha hano, nta zina ryayo ririho, ifite inoti icyenda z'amadorari ijana. Ni yo dukeneye gufata gusa."

Ndavuga nti: "Mwene Data Baxter."

Aravuga ati: "Mbabarira."

130 Ubwo rero nahise menya uriya mukobwa. Noneho rero—rero bukeye, mwene Data Baxter aravuga ati: "Mwene Data Branham, bari hariya hepfo barimo gupakira imyenda yabo, barira."

Ndavuga nti: "Ikibazo ni ikihe?"

Aravuga ati: "Byaba byiza umanutse ukabyirebera."

131 Nagiye mu cyumba bari barimo. Ndavuga nti: "Ni ikihe cyumba barimo?" Nagiye ahongaho, nkomanga ku rugi. Numvise barira. Nakomanze ku rugi, umukobwa aza ku muryango, ati: "Yewe, Mwene Data Branham, ndababaye cyane." Aravuga ati: "Ni njye wabateje ibi bibazo byose."

Ndavuga nti: "Ingorane? Ikibazo ni ikihe, mushiki wanjye?"

Aravuga ati: "Yoo, nabonanye na FBI nyuma yawe."

Nuko ndavuga nti: "Yego, si byo?"

132 Aravuga ati: "Yego." Ati: "Ndakeka ko natanze ubuhamya bwinshi hafi mu mujyi wose uyu munsi, n'ibindi byose."

Ndavuga nti: "Oya."

133 Na we ati: "Mwene Data Branham, FBI iri hariya, irahari, iribukwerekane iri joro."

134 Ndavuga nti: "Ni byiza, niba hari—niba hari ikintu kibi nkora, nkeneye gushyirwa ahagaragara." Murareba? Ndavuga nti: "Nibyo. Niba kwamamaza Ubutumwa bwiza bigomba gushyirwa ahagaragara, neza, reka tubikore." Murareba? Ndavuga nti: "Njyewe—njyewe—njyewe nubatse kuri iyi Bibiliya, kandi ibyo iyi Bibiliya itavuga. . . Ubu ni bwo bwunganizi bwanjye, hano." Murareba? Nuko ndamubwira, na we. . .

Aravuga ati: "Ni byo," ati: "Gusa mbabajwe n'uko nakoze biriya nakoze."

Ndavuga nti: "Ntabyo wigeze ukora, mushiki wanjye."

Aravuga ati: "Ni byiza, ntbwo utinya kujya hariya?"

Nuko ndavuga nti: "Oya, oya."

Aravuga ati: "Rero, FBI irahari."

135 Ndavuga nti: "Nibyiza, nababonye uko byitabiriye amateraniro yanjye mbere ko bakizwa." Ndavuga nti: "Bwana Al Farrar. . ."

136 Kapiteni Al Farrar, benshi murabizi ko yizereye hariya i Tacoma, Washington, yarakijijwe, hafi y'aho babika ibiturika. Aje mu materaniro, aravuga ati: "Nakurikiranye uyu mugabo imyaka ibiri yose. Kandi numvise ku byerekeye imari, kandi narayitegereje, kandi nanyuze aho hose." Ati: "Ni Ukuri, ntabwo murimo kumva umuntu w'umufana iri joro, murimo kumva Ukuri." Aravuga ati: "Umwe mu bapolisi, yarambwiye ngo nagize umudogiteri wasuzumye umwana we nuko amwohereza ku murongo w'amasengesho," aravuga ati: "umwana yabwiwe neza ibitagenda neza, n'ibyari byarabaye. kuri ibyo. maze ndavugs nti: 'Mu minsi umunani azasubira ku ishuri, '" yari arwaye indwara y'igicuri. Nuko aravuga ati: "Ku munsi wa munani koko umwana asubira ku ishuri." Aravuga ati: "Namukurikiranye imyaka ibiri," imbere y'ibihumbi icumi by'abantu. Hano hari byose. . . Hano hari ifoto yabyo, amateraniro ya Seattle, mu—mu gitabo cyanyu. Aravuga ati: "Ndashaka ko mwese mumenya ko mudatega umunyamasengesho w'ibinyoma. Murimo kumva Ukuri." Kapiteni Al Farrar. Bukeye muyobora ku Mana, yakira umubatizo w'Umwuka Wera, Aho babika ibiturika, hepfo aho ahantu hanini cyane.

Ndavuga nti: "Birashoboka ko uyu musore azabikora nk'ibyo."

Na we ati: "Ufite ubwoba bwo kujyayo?"

137 Ndavuga nti: "Mfite ubwoba? Oya rwose. Oya rwose. Kubera iki ngomba kwiye gutinya mu gihe Imana yanyohereje kubikora?

Ni Yo irwana urugamba, ntabwo ari njye.” Nanjye nti: “Noneho, ndashaka ko mwese muguma kure.” Kandi rero . . .

138 Twagiye mu materaniro muri iryo joro, ahantu hari huzuye. Nuko umurinzi waho arasohoka, aravuga ati: “Revera Branham, nahaye akazi abana icumi bo muri Mexico.” Aravuga ati: “Reba hano, ‘Revera Branham uraza gushyirwa ahagaragara kuri uyu mugoroba na FBI, umunyedini w’umufana,’” cyangwa ikindi kintu nk’icyo. nuko aravuga ati: “Biri kuri buri modoka. Sohoka . . .” Aravuga ati, “Nahaye akazi abana icumi bo muri Mexico, ngiye kubakuramo bose mbashyire hano.” Aravuga ati: “Yoo, ndumva narambika ibiganza kuri uwo musore!”

139 Ndavuga nti: “Ntugire ikibazo, mugenzi. Imana izamufasha.” Murareba? Ndavuga nti: “Mumwihorere.”

140 Nuko ahera ko araza. Kandi iryo joro ubwo twinjiraga, sinzigera nibagirwa, ninjiye mu cyumba. Njywe . . . Mwene Data Baxter yararirimbye ngo *Izere Gusa*. Yaravuze ati: “Noneho, Mwene Data Branham aradusaba iri joro kugira ngo tuve mu nyubako.” Aravuga ati: “Ngenda nsubira inyuma maze ndicara.” Aravuga ati: “Barimo gutegura kumwerekana hano ku ruhimbi nijoro.” Yaravuze ati: “Namubonye mu ntambara nyinshi zikomeye, kandi mbona Imana ifashe umwanya we.” Aravuga ati: “Njyewe—njyewe gusa ngiye gusubira kwicara.”

141 Nigiye hejuru. Naravuze nti: “Nari nsomye gusa akantu gato hano ko nagombaga kwerekanwa ku ruhimbi hano.” Ndavuga nti: “Ndashaka ko abakozi ba FBI noneho baza imbere bakanyerekana hano ku ruhimbi.” Ndavuga nti: “Mpagaze hano kubwo kurengera Ubutumwa bwiza; Ndashaka ko muza kungaragaza.” Narategereje. Ndavuze nti: “Birashoboka ko bataragera hano.” Nari nzi aho nari ndi. Yari imaze kunyereka mu cyumba cyanjye hejuru aho, ibizaba,’ mbere y’uko ngenda, murabona. Nanjye ndavuga nti: “Ahari ndaza gutegereza gato. Dushobora kuririmba indirimbo?” Maze umuntu araza maze aririmba wenyine.

142 Ndavuga nti: “Bwana mukozi wa FBI, uri imbere cyangwa hanze? Ntegereje gushyirwa ahagaragara. Waza imbere?” Ntihagira umuntu uza. Nakomeje kwibaza aho bigeze. Uwiteka yambwiye ibyo ari byo. Byari ababwiriza babiri basubiye inyuma, kandi nanjye—Narakurikiranaga. Nabonye igicucu cyirabura kimanitse mu mfuruka. Nari nzi aho bigeze. Narebye hejuru, kirazamuka neza kirazamuka mu ngoro nka gutya. Umugabo ufite ikositimu y’ubururu kuri, umwe ufite imvi.

143 Ndavuga nti: “Nshuti, nta FBI ihari. Ni irihe sano FBI ifitanye no kwamamaza Bibiliya?” Ndavuga nti: “Rwose si byo. Nta bakozi babiri ba FBI bari bahari kugira ngo bangaragaze. Ariko, dore hano ni ho berekanira, aho bicaye hariya hejuru, ni ababwiriza babiri ahongaho.” Nuko baramanuka. Naravuze nti: “Ntimumanuke gutyo.” Kandi babiri muri bo muri Texas bari

bagiye kuzamuka ngo babacakire babakomeze. Ndavuga nti: "Oya, bakundwa, ibi ntabwo ari inyama n'amaraso, mukomeze mwicare gusa. Imana irabyitaho."

144 Ndavuga nti: "Noneho, bavandimwe, murebe, mu gihe muri hariya hejuru, mwitegereze iyi nzira." Ndavuga nti: "Niba... Mwavuze ko ndi Simoni umukonikoni, munsi y'ubupfumu, nari ndimo kubeshyabeshya abantu." Ndavuga nti: "Niba ndi Simoni umukonikoni, noneho mwe muri abantu b'Imana. Noneho nimumanuke muze kuri iki gicaniro. Niba kandi ndi Simoni umukonikoni, mureke Imana inkubite inyice. Niba kandi ndi umuhanuzi w'Imana, nimumanuke maze mureke Imana ibakubite mupfe. Noneho turaza kureba umunyakuri n'umunyakinyoma. Noneho mwamanuka. Turaza kuririmba indirimbo." Basohotse muri iyo nyubako baragenda, kandi kuva icyo gihe ntiturigera tubabona. Murareba? Ndavuga nti: "Nimuze. Niba ndi Simoni umukonikoni, reka Imana inkubite urupfu. Niba kandi ndi umuhanuzi w'Imana, noneho Imana irabakubita mupfe nimugera kuri kino gicaniro. Niba ndi uw'ukuri imbere y'Imana, Imana izabareka mupfire kuri iki gicaniro." Bari babizi neza. Ni byo. Bari babizi neza. Bari babyumvise ahandi. Ni byo. Ntimuzongere gutekereza dore Imana ihora ari Imana. Irasubiza.

145 Noneho, uyu mukonikoni wa En-dor, yahamagaye umuzimu wa Samweli. Sawuli avugana na Samweli. Noneho, mushobora kwibaza uburyo ibyo byakorwa. Ntibishobora gukorwa uyu munsi. Oya, mugenzi. Kubera ko, amaraso y'ibimasa n'ihene yari ategereje gusa igihe cyo gusohozwa. Iyo umuntu yapfaga mu gihe cyabo... Ababwirizabutumwa, munsubize inyuma niba mutekereza ko ari byo. Iyo umuntu yapfaga, yapfiraga munsi y'impongano y'inyamaswa, maze roho ye ikajya muri Paradizo. Yagerayo, akaguma yo kugeza ku, kugeza kuri—kugeza ku munsi wo gucungurwa. Ubugingo bwe bwabaga buri ahongaho.

146 Mureke mbibereke hano. Ni bangahe basoma ingingo nanditse mu kinyamakuru, cyangwa ingingo banditse kuri njye mu kinyamakuru *Reader Diges*t hano, nko mu Kwakira, ibyerekeye nomero y'Ugushyingo? Ni byo. Mwabonye uko byari bimeze? Mwabonye, ibyumweru bibiri cyangwa bitatu mbere y'ibyo, ubu buryo bukomeye buzwi hano bwageragejwe kuva kera cyane, we, Miss Piper. Hari umuntu wigeze asoma ibyo, ingingo ya Miss Piper muri *Reader's Digest?* Ntabwo bitangaje uburyo ari imyuka ibiri...

147 Nahawe igihe kingana iki? Ntabwo ari gito. Narengejeho makumyabiri, gusa ngomba kwihuta. Nzi ko mwabonye... Murebe, mumbabarire umunota umwe.

148 Murabizi, birahari—hariho ibinyoma. Hariho ukuri n'ikinyoma muri byose. Niba nguhaye idorari, nkavuga nti: "Iri ni idorari ryiza?" Kandi ukaryitegereza, rigomba kugaragara

neza nk'idolari nyaryo bitari ibyo ntugomba kuryemera. Ni byo? Ubwo rero mu by'ukuri ryaba ari iryiganano ryiza.

149 Niba kandi Yesu yaravuze ku myuka ibiri mu minsi y'imperuka byaba hafi cyane byenda gusa ku buryo byayobya n'intore cyane niba bishoboka, abanyamadini. Noneho mwibuke. Noneho, nta kindi kintu kiri muri abo bashaje ko-. . . bu-. . . ubukonje, busanzwe. Hanze bafite uburyo bwo kubaha Imana gusa, murareba. Ariko iyi myuka yombi, imyuka nyayo, yaba yenda gusa cyane ku buryo yayobya n'intore niba bishoboka, uko bakoreraga hamwe mu minsi yashize. Ese Yesu ntiyabivuze? Yarabikoze.

150 Noneho murebe, nshuti, ngiye kubereka gato. Ndashaka ko mureba hano umunota umwe gusa. Kandi mumpe ibitekerezo bynyu bitagabanije, 'kubera ko ngiye kubacira umugani, hanyuma muzabibona.

151 Noneho, muri *Reader Digest,* byanditseho hano, Nari mpagaze aho, twari dufite abantu ibihumbi bibili magana arindwi bategereje gusengerwa, bahagaze aho. Murabisoma mu kinyamakuru. Nuko umugabo aramanuka avuye muri Kanada, kandi yari afite umuhungu muto wigeze kuba kwa Mayos 'na Johns Hopkins, afite indwara ikomeye yo mu bwonko ikurura amaboko nka *gutya*, kandi igahinamisha amaguru ikanayamanura munsi yayo. Baravuga bati: "Nta gikorwa na kimwe cyangwa nta kintu na kimwe gishobora gukorwa."

152 Yayigagaruye rero muri Kanada. Aravuga ati: "Ntabwo ndakubitwa." Muraza kubona iyo nkuru isohotse mu makuru y'ukwezi cy'Ugushyingo cya *Reader's Digest*, kandi cyitwa—i—I*gitangaza cya Donny Morton*. Kandi—hanyuma aravuga ngo u, ahongaho, ko u—uwo mugabo yavuze ngo: "Ntabwo ndakubitwa, kuko nzi umuntu ukiza indwara w'umwizera witwa William Branham, ibyo byateye inshuti zanjye ebyiri zari zifite ubumuga bwo kutumva no kutabona kuvuga no kumva."

153 Kandi barahamagaye kugira ngo bagerageze gushaka aho nari ndi, muri—muri Amerika. Kandi nari narangizanyije na Costa Mesa, muri Californiya. Kandi ni inkuru, iyo uyisomye, witegura kurira. Bizagushengura umutima. Ukuntu yanyuze mu rubura, n'ibindi byose, ari kumwe n'uwo mwana! Aravuga ati: "Witonde, Donny." Ati: "Noneho, ntabwo tuneshejwe." Kandi umwana w'umuhungu ntashoboraga no kumwenyura, byari bigoye, yari ababaye cyane. Aravuga ati: "Ntabwo tuneshejwe, tugiye gusaba Imana. Tuzajya ku muhanuzi w'Imana tumubaze."

154 Noneho rero baza mu rubura. Amaherezo bagerayo, kandi nyina yari agiye kuzanaga na bo, kandi ntibari bafite amafaranga ahagije yo kugenda n'indege, nuko basubiza nyina inyuma. Kandi umuhungu na papa bagombaga kuza muri bisi, ni bwo buryo bagendagamo kuva i Winnipeg, muri Kanada, kugera muri Costa Mesa, muri Kaliforuniya. Nuko binjirayo, bananiwe,

maze se ababwira ku uberekeye uko yagombaga kumuhindurira pampegisi ntoya, Umwana w'umuhungu ufite imyaka irindwi cyangwa umunani, udashoboye kugira icyo yifasha. Kandi uko yabikora kose. . . ntiyashobora kubona amahirwe yo kurya nta n'ikindi kintu, nuko aravuga ngo umuhungu we muto ashoboraga kumwumva gusa avuga. Kandi yashoboraga kuvuga uko amaso ye yasaga, ko yari—yari yagerageje kumwenyura, murabizi. Kandi mumenye ko we. . . Yashoboraga kumubwira ibintu bitandukanye yabonaga, muri Amerika.

155 Nuko bagezeyo, muri Californiya, babwira abafasha abagenzi, icyo aje kureba. Aravuga ati: "Ngwino urebe iki ni igiki kivuye mu ijuru?" Kandi ni ikibazo gikomeye.

156 Kubera ko, mushobora kwiyumvisha icyo Amerika yabivuzeho, murareba. Murareba, abo ni twe, murebe, "Turabasobanutse cyane! Turabizi byose, murabizi, kandi nta mpamvu yo kutubwira ikintu na kimwe. Ibyanditse byose twarabibonye." Murareba?

157 Noneho rero, bityo, "Iby'Imana ni ibiki? Muje inzira yose muturutse Winnipeg, Kanada?" Kubera iki, batekereje ko ibyo biteye ubwoba.

158 Ibyo ari byo byose, ikinyamakuru cyashyizeho i—imodoka hanyuma imwohereza hariya. Maze aravuga ngo, bageze ku murongo, aho yari iri, yavuze ko abantu ibihumbi bibili na magana arindwi bategereje gusengerwa. Ariko aaravuga ngo, igihe babonaga uriya muhungu wamugaye, usa n'aho ari muto, n'umupapa w'umukene wambaye ingofero, ikote rye rishwanyaguritse, yavuze ko buri wese yagiye ku ruhande amuha umwanya we. Igihe yikubitaga ku gicaniro. . .

159 Binyuranyije n'amategeko yo guhindura ikarita y'amasengesho. Umuntu runaka agomba kuza mu materaniro agahabwa ikarita ye bwite. Niba warigeze gufatirwa ku murongo, uhinduranya imakarita y'amasengesho n'undi muntu, ikarita y'amasengesho iba yateshejwe agaciro. Murareba? Kubera ko mugomba kuza kumva amabwiriza mukamenya uburyo muyakira. Ni mwebwe bireba. Ntimushobora kubirebera ku bandi. Mugomba kuza kubibona mwebwe ubyanyu, mukabona kubyumva. Umuntu ukomeye aravuga ati: "Niba. . . Ni byiza, ntabwo ibi bintu mbyizera cyane. Ariko, birashoboka ko niba Izankiza, njye. . . " Murabona? Noneho ibyo biteza urusaku ku gicaniro, nuko bahita bacogoza ibyo bintu mbere y'uko bigera aho.

160 Igihe rero umuhungu yatangiraga, cyangwa se yatangiraga ku gicaniro, imbere y'abantu, Billy yamusabye ikarita y'amasengesho ye. Ntayo yari afite. Aravuga ati: "Noneho mumbabarire, mugenzi." Aravuga ati: "Uraza gutegereza."

161 Aravuga ati: “Ni byiza.” Ati: “Ndaza gutegereza.” Ati: “Ndaza gufata umwanya wanjye nk’abandi, noneho.” Aravuga ati: “Sinari nzi ko ngomba gukora ibi.”

162 Ubwo rero nari ndimo kuvuganaga n’umuntu, nari ndimo kubyumva. Nabonye papa agenda, ndavuga nti: “Ikibazo cyari ikihe?”

Aravuga ati: “Ntabwo yari afite ikarita yo gusengerwa.”

Nuko Ikintu cyirambwira kiti: “Mugarure.”

163 Nanjye nti: “Muzane hano.” Nuko umupapa araza, amarira atemba mu maso, akeneye kogoshwa. Na we—we yarazamutse, dore hano hari *Reader’s Digest* yavuze. Murareba? Nta kibazo nabajije, ariko narebye neza neza mu maso h’umwana, maze mbwira umwana aho yaturutse, byari byarabereye ku ivuriro rya Mayos, n’ibindi bibazo byose birebana na we, uko yari yararwaye, n’ibindi byose.

164 Nuko se atangira kurira, atangira kugenda. Avuga ko yatangiriye ku gicaniro, akazenguruka, aravuga ati: “Ni byo, mugenzi.” Aravuga ati: “Ariko se umwana wanjye azigera abaho?”

165 Ndavuga nti: “Ibyo sinshobora kubivuga.” Ndavuga nti: “Akanya gato.” Nabonye iyerekwa rigaragara. Ndavuga nti: “Ntuzifuza kwizera ibi, kuko Mayos ’na Hopkins bombi bavuze ko kubaga bidashobora gukorwa kuri ubwo bwonko, ariko ndakubwira ibyo ukora. Wowe, ejo, uzite gusa kuri uyu mwana. Mu minsi itatu iri imbere ugiye guhura n’umugore w’umwirabura ku muhanda, kandi uriya mugore agiye kukubaza ikibazo cy’uriya mwana. Noneho agiye kukubwira umuganga muto wo mu gihugu hanze aha ushobora gukora icyo gikorwa neza, kandi ntuza kubyemera, kuko uriya Mayos ’yarabyanze ati: ‘Ntibishoboka gukorwa.’ Ariko ayo ni yo mahirwe yonyine umwana wawe afite, kubw’imbaraga z’Imana, imbabazi z’Imana hamwe gikorwa cyo kubagwa. Noneho, niba unyizera ko ndi umuhanuzi Wayo, genda ukore nk’uko nkubwiye.” Nko gushyira imitini kuri Hezekiya, n’ibindi n’ibindi.

Aravuga ati, arahindukira ati: “Murakoze.” Aragenda.

166 Iminsi ibiri cyangwa irenga yari ishize, umunsi umwe yamanutse mu muhanda, umudamu wigenderaga, aravuga ati: “Umwana wawe afite ikihe kibazo?”

167 Aravuga ati: “Afite i—indwara y’ubwonko.”: Nuko akomeza kugenda avuga nka gutyo. Kandi, rero—batekereje ko ari bibi cyane, murabizi.

168 Yavuze rero mu minota mike ikintu cyabayeho. Aravuga ati: “Mugenzi, nzi umuntu ushobora gukora icyo gikorwa cyo kubaga.”

169 Aravuga ati: "Mukobwa, reba, bagenzi ba Mayo barabihunze bavuga ko bidashoboka." Aravuga ati: "Umugabo uri hano yari arimo kubisengera, yitwa Mwene Data Branham." Ati: "Yakoze isengesho asengera umwana." Aravuga ati: "Tegereza gato! Umwirabura, wambaye ikositimu y'ikigina." Aravuga ati, "Uwo ni we." Aravuga ati: "Uwo muganga ari he?" Nuko arahamubwira. Bamujyanye ahongaho umuganga aramubaga neza, umwana arakira.

170 Noneho, ibyo biza kunyura *mu binyamakuru* bya *Reader's Digest,* urabona. Kandi avandimwe ba Mayo barampamagaye mukiganiro kubw'ibyo. Aravuga ati: "Revera Branham, umwana mwamukoreye iki?"

171 Ndavuga nti: "Ntacyo. Sinigeze mukoraho. Gusa navuze ibyo Imana yambwiye kumubwira. Umugabo yarabyubahirije."

172 Noneho, dore ibintu bisekeje ku bimwerekeyeho, hafi ibyumweru bibiri nyuma y'ibyo, cyangwa ibyumweru bibiri mbere y'ibyo, cyangwa bitatu, muri *Reader's Digest*, wenda ukwezi kumwe imbere, inyandiko ya Miss Piper irasohoka. Noneho, ni umurozi nyawe, cyangwa abaraguza umutwe. Noneho, hariho abanyakuri, hakabaho n'umuntu wigana. Bafite uwo mugore kuva mu 1897. Afite imyaka irenga ijana ubu, i New York, bombi . . . bafite ubumuga bwo kutumva nk'ikibaranga. Ikinyamakuru *Reader's Digest,* kubona . . . Ntekereza ko kiza hafi amezi abiri cyangwa ukwezi mbere y'icyange; kandi mushobora kukibona, gisohoka kare. Bwana Baxter yari agifite hano ejobundi. Iyo nza kubitekerezaho, nari kumugira . . . cyangwa kumenya ko ngiye kuvuga ibi, nagira—nagira ngo ndagifite. Nshobora kukibabonera. Kandi kigira impapuro zigera kuri cumi n'ebyiri cyangwa cumi n'enye. Yari umugore wo mu rugo usanzwe. Umunsi umwe, yaguye mu kantu, igihe yari mu mibabaro, atangira kuvugana n'abapfuye. Kandi bafite uwo mugore kw'isi yose, ahantu hose. Bamujyanye mu Bwongereza. Bamuhinduriye imyenda ye, inshuro nyinshi, kugira ngo barebe niba nta kizinga kiriho n'ibindi, ageze hariya ahisha umuntu akoresheje masike mu maso, Umugereki, maze akina nk'Umwongereza. Amubwira byose ku byerekeye ibyo. Na we—we—yashakaga guhamagara umwe mu bafatanyabikorwa be wapfuye.

173 Noneho, ikintu kimwe gusa . . . Kw'isi yose, kandi hano hari *ikinyamakuru cya Reader's Digest* cyabivuzeho hariya, hano amajoro make ashize, cyangwa amezi make ashize, kimwe muri ibi bintu byaragaragaye. Umugabo yagombaga gusoma ikiganza cy'umuzimu wa nyina, bukeye bwaho byagaragaye mu rukiko rwa polisi ko yasomye agace k'ipamba gusa. Abantu benshi babyigana batyo! Hari gusa abasomyi bato bashaje bicaye ku ruhande rw'umuhanda, batari abaraguzi b'umutwe mbere. Nta kindi bari cyo uretse abigana bavuguruzanya. Ariko hariho abaraguzi b'umutwe ba nyabo.

174 Natwe abanyamadini, dufite abigana benshi ku mpande zombi. Noneho mwihangane iminota mike.

175 Noneho mumenye ko Miss Piper ari umuraguzi w'umutwe nyawe. Ikinyamakuru kiravuga ngo: "Dore ikintu kimwe gishobora kwizezwa, ko, iyo umuntu apfuye, aba atapfuye. Aba ari ahantu runaka, kuko uriya mugore ahamagara umuzimu we ukaganira n'abantu."

176 "Noneho, ese yakoze iki, mwene Data Branham? Urabyemera?" Yego, mugenzi. Bibiliya irabivuga, ni yo mpamvu mbyizera. Kandi akomoka kuri satani. Ubupfumu ni amayeri ya satani. Noneho mubyitondere, noneho mubitegereze bombi uko ari bibiri.

177 kandi mwakagombye kuba mwarabonye amabaruwa acicikana akangeraho, ubwo, igihe inyandiko yanjye yakurikiraga ize. Ntabwo bitangaje kuba, neza mbere y'gihe cya nyuma, Imana yavuze ibi bintu? Kandi *Ikinyamakuru Reader's Digest* cyasohotse mu ndimi zose zivugirwa munsi y'ijuru. Murareba? Icyitonderwa, ntibitangaje uko bikurikiranye kimwe ku kindi?

178 Noneho hano haje amabaruwa, avuga ngo: "Mwene Data Branham, ibyo byerekana ko nta kindi uretse umuraguzi w'umutwe." Aravuga ati: "Ibyo birabigaragaza. Nimwitegereze hano, wabwiye uriya mugore aho agiye kubona . . . Mwitegereze uyu mugore?"

179 Ndavuga nti: "Mutegereze gato." Nabonye ibaruwa yemewe, (mumbabarire), kuyohereza ku bantu. Ndavuga nti: "Uburyo mwebwe ababwirizabutumwa mubiziho gato." Ndavuga nti: "Aho kubatiza umubiri wanyu, mushaka ko ubwonko bwanyu bubatizwa." Ni byo. "Ntimuhagarika gutekereza ku bintu. Ntimugerageza kubyitaho."

180 Ni ko babigenje mu minsi yashize. Babonye Yesu. Bari bazi ko Ashobora . . . Yari azi amabanga y'umutima wabo. Yari azi ibyo barimo gukora gutyo. Baravuga bati: "Ni umutware w'amadayimoni. Ni Belizeburi, umukonikoni ukomeye kw'isi." Ntibahwemye kugerageza kubiha isura, ngo babone ko yari Umwana w'Imana. Ntabwo bari ab'umwuka bihagije ngo babisobanukirwe. Ni ko byari bimeze, basomye baciye hejuru y'ikintu. Ni byo, Yesu yagombaga kuza i Yerusalemu, agendera ku cyana cy'indogobe, n'ibindi, ariko bibanda ku Kuza kwa kabiri.

181 Kandi ni ko bimeze n'uyu munsi! Barimo kareba baciye hejuru y'ikintu gifatika. Haleluya! Ni byo. Nzi ko Imana iri hano, kuri iki gicamunsi, nzi ko ndimo kubatwara umwanya munini, ariko mugomba kwitegereza ibi, nshuti zanjye. Niba ntazongera kubabona, mugomba kumenya amadayimoni icyo ari cyo, mugomba kumenya ukuri n'ikinyoma icyo biri cyo. Kandi biregeranye cyane, mugomba gutandukanya ibyo bintu.

182 Noneho nimwibuke, ntabwo bizabera hanze hariya, ikintu kibera kuri *uru* ruhande nk'Abafarisayo, cyangwa ikindi kintu kikagaruka kuri *ruriya* ruhande. Ni byiza hano mu muryango, hafi yawo. Murareba. Noneho niba narafashe. . .

183 Mureke dufate ibintu bibiri. Niba naragufashe nkaguha amadorari, ubungubu, niba nguhaye amadolari y'amiganano. Tuzakoresha umugani kugira ngo uyabone. Ikintu cya mbere wakora, niba uri umugabo uzi ubwenge, niba ufashe idolari ukaryitegereza, ikintu cya mbere, uzaryishimira hanyuma urebe icyo ryakozwemo. Si byo? Uzareba icyo ryakozwemo. Uzareba agaciro karyo. Amadolari nyayo ntabwo akozwe mu mpapuro, igice kimwe ni urupapuro ikindi ni siliki, murabona. Kandi ikintu cya mbere, mugomba kureba agaciro kacyo. Ni cyo kiryerekana bwa mbere.

184 Noneho reka tumujyane kuri *uru* ruhande; hanyuma dufate n'Umwami kuri *uru* ruhande, ibyo ni byo tugiye kureba.

185 Noneho murebe, ikintu cya mbere mugomba kubona, byose. . .Mwitegereze ku nyandiko yanyu. Mu myaka mirongo itanu n'umwe idasanzwe y'ubukonikoni, no guhamagara abazimu b'abapfuye, ntabwo yigeze avuga Imana, Kristo, gukiza kw'Imana, gutabarwa, Urubanza, cyangwa ikindi. Nta kindi uretse kwihimbaza n'ubusazi burimo.

186 Ariko hejuru kuri *uru* ruhande, buri gihe haba hari Imana, Urubanza, Kuza kwa Yesu, Gukiza kw'Imana, imbaraga z'Imana, gutabarwa. Mwitegereze agaciro kabyo. Ntimubona abakonikoni n'abapfumu babwiriza Ubutumwa bwiza. Ni ikihe kibazo abantu bafite? Mbega! Mubimenye!

187 Kandi ikintu nyacyo cyo gukora, niba mushaka kumenya niba ari amadorari nyayo cyangwa atari yo, niba asa cyane na yo, mukureho imibare hanyuma muyasubize ku mafaranga. Niba kandi hari imibare ijyanye n'ibyo, hari idorari ry'ibara ry'ifeza ritegereje. Si byo?

188 Ni byiza, noneho, mwene Data, fata ibyo yakoze hanyuma ubisubize kuri Bibiliya, uzasanga ari umupfumu wa Endori.

189 Kandi mufate ibiri hano, muzabona bigarutse, biri mu Gitabo hano ku mafaranga, "Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari uyu munsi, kandi ni ko azahora n'iteka ryose." Rwose, ni umurimo We! Ntabwo Yigeze yita ku busazi n'ubupfapfa bw'abantu. Byari ku bw'ibyiza bimwe na bimwe, gufasha abantu, ukabayobora ku Mana. Amina! Ntabwo mvuga "amina" kubwanjye, ariko *amina* bisobanura ngo: "bibe bityo." Kandi ndi. . .Ndabyizera. Nzi ko ari Ukuri.

190 Noneho icyitonderwa, muri hano. Noneho, twihuse, 'kubera ko ntashaka kubafata umwanya muremure.

191 Hano, reka dutange ishusho nto hano, ishusho dukuye mu mutwe. Hano hari umugezi unyura hano, hepfo neza

utemba muri *iyi* nzira, umanuka unyuze mu buzima. Noneho nimwitegereze. Ni umuyoboro. Munyiteho mutagabanije nonaha, kugira ngo ibi bitagucika. Hepfo neza nka *gutya*. Noneho, muri uyu muyoboro muto hano hatuye ibiremwa bipfa, wowe na njye. Noneho, hano, reka turebe ibyo ari byo. Ni imbaraga z'ubupfapfapfa n'ibindi byose, ariko igihe kimwe tuzabona umucyo. Mubona umwijima no mu mihanda, ibyo ni umunezero no gutwarwa, amadayimoni yifatiye abantu. Yoo, bambara neza, mbega, kandi bafite imico ihanitse uko bashoboye, abahanga bize koko, ariko bakiri amadayimoni. Ariko hariho kuvuka ubwa kabiri kwicayemo ahongaho.

192 Noneho, aba bantu bari muri iyi miyoboro bayobowe n'impande ebyiri zitandukanye. Noneho, kuri uru ruhande rugana muri *iyi* nzira, hari ubutatu. Kandi kuri uru ruhande rugana muri *iyi* nzira, hari ubutatu.

193 Noneho, iyo, ubu umwanya wa mbere, kuri *uru* ruhande, ni roho z'*abarengana,* iyo umuntu apfuye ajya ahantu ategerereza urubanza. Yesu yagiye kubwiriza ubugingo bwari muri gereza. Akurikira ni amadayimoni. Ikurikira, ni dayimoni iri ikuzimu. Kuzamuka, uwambere, ubungubu, muri bo harimo abazimu, imyuka y'abantu bapfuye batigeze bihana. Barindiriye Urubanza. Gusa ikintu bazi ni ubupfapfa ndetse n'ibyo bakoze.

194 Noneho, hejuru hano, aba Bakristo bayobowe no Hejuru. Uyu ni umugani. Hejuru aha hari undi Mwuka, Umwuka Wera, Umwuka w'Umuntu, Kristo Yesu. Umwuka Wera, Umwuka Wera agira uruhare mu Itorero Rye muri ubu bwami bw'abapfa.

195 Dayimoni, kubw'iyi myuka, iyobora umuntu. Noneho, murebe, abakurikira ni Abamalayika. Hagakurikiraho Imana. Noneho, abapfa bose hano bayoborwa n'imwe muri izi si. Murabona icyo nshaka kuvuga?

196 Noneho icyo uwo mugore yakoze, yinjiye muri ubwo bwami. Nuko atangira kuvugana n'abagabo batewe n'amadayimoni bari, mbere, imyuka y'abamalayika baguye batigeze bihana uhereye mbere na mbere, kandi bemera ko imibereho yabo itwarwa na yo. None bategereje Urubanza.

197 Kandi *aba* bari hano bayoborwa kandi bavutse ubwa kabiri kubw'Umwuka w'Imana. Kandi satani afite abahanuzi be, n'Imana ifite abayo. Murareba icyo nshaka kuvuga? Irabayobora, kandi ni ho tujya. Mureke kubitandukanya. Yesu, igihe yari hano ku isi . . .

198 Noneho, uyu munsi, ntashobora kwinjira muri ubwo bwami no gukura umukiranutsi muri ubwo bwami. Ntiyashoboraga kubikora, 'kubera ko abantu b'abakiranutsi batakiri aho bahoze, muri Paradizo. Oya, Mugenzi. Paradizo yarangiranye na byo, igihe Amaraso ya Yesu yayikuragaho. Mwitegereze hano. Mbega!

199 Niba nashoboraga gutekereza uburyo Yesu, igihe Yapfaga, Yagiye kubwiriza roho zari muri gereza. Yarapfuye,

umunyabyaha, udafite icyaha na kimwe, nyamara ibyaha byacu byari kuri We. Kandi Imana, kubw'ibyaha Bye, Yamwohereje ikuzimu. Bibiliya iravuga iti: "Yaragiye abwiriza roho."

200 Abantu baravuga bati: "Mwene Data Branham, sinabasha kubyumva." Aravuga ati: "Yesu yazutse ku munsi wa gatatu. Yapfuye ku wa gatanu nyuma ya saa sita azuka ku cyumweru mu gitondo, kubera iki, Yapfuye gusa umunsi umwe."

201 Yaravuze ati: "Mu gihe cyabo," kubera ko yari afite Icyanditswe kimwe muri Bibiliya, Yashoboraga gushingiraho. Kubera ko, Dawidi, umuntu wasubiye inyuma, ariko yarakijijwe, ariko yari umuhanuzi wahumekewe n'Imana, Yaravuze ati: "Sinzasiga roho Ye ikuzimu, kandi sinzababaza na busa Uwera Wanjye ngo mbone abora." Kandi yari azi, iminsi itatu n'amajoro atatu, ko uwo mubiri uzashyira ukabora. Imana yari yarabwiye umuhanuzi ko "Atazabona kubora." . . .?. . . [Ahantu hadafashe amajwi kuri kaseti—Ubwanditsi.]

Haleluya! Yafashe Ijambo ry'Imana. Yatsinze Satani, igihe cyose, Aryifashishije. Yatsinze urupfu, kubw'Ijambo ry'Imana. Haleluya! Yanesheje urupfu. Kandi ubwo bamwicaga, maze Agapfa, umunyabyaha, ibyaha byanjye n'ibyaha byawe Bimuriho, Yaramanutse, Ndamubona akomanga kuri urwo rugi hariya.

Kandi n'abo imitima yabo yazimiye barasohotse baravuga bati: "Uri nde?"

202 Yaravuze ati: "Kuki mutateze amatwi Henoki? Kuki mutateze amatwi abo bahanuzi bandi babwirije?" Bari baraciriweho iteka. "Ndi Umwana w'Imana wigeze kubaho. Mfite. . .Amaraso Yanjye yaramenetse. Nje kubabwira, Narujujwe, ibyo abahanuzi bavuze nagombaga kubikora." Kohereza amadayimoni, akajya ikuzimu, kwambura satani imfunguzo z'urupfu n'ikuzimu, yabamanitse iruhande Rwe, maze ahita yigendera. Haleluya!

203 Kubyuka kare mu gitondo. Haleluya! Reka dushushanye igishushanyo gito hano. Mu gitondo cya kare, hari irindi tsinda ryari riri hano muri Paradizo. Ubu ntabagihari.

204 Noneho, mwebwe nshuti zikomeye z'Abanyagatolika zizera gusabirwa kw'abatagatifu. Niba murimo kuvugana n'umutagatifu mu itorero ryanyu, uwo muntu ni umunyabyaha, ari ikuzimu, cyangwa—cyangwa ategererejeyo urubanza rwe. Niba kandi yari umutagatifu, ari mu bwiza bw'Imana kandi ntashobora kugaruka. Ni byo. Nshobora kubyemeza. Amaraso y'ibimasa ntabwo yakuraho icyaha, ariko Amaraso ya Yesu agutandukanya n'ibyaha.

205 Nshobora kubona Yesu azamuka hariya aho, muri Paradizo, hariyo Aburahamu, Isaka na Yakobo, na bo ahongaho, Samweli n'abandi bose bari aho. Nshobora kumva Akomanga ku rugi. [Mwene Data Branham akomanga ku ruhimbi—Ubwanditsi.]

Amina! Yoo, ibi ndabikunda. Ndimo neza...ndumva ubu ndi mu mwuka. Nshobora kumubona areba hariya. Nshobora kumva avuga ngo: “Ni inde uri hanze? Ni inde uri hariya?” Aravuga ati: “Njyewe, uyu ni Aburahamu uvuga. Ni igiki?”

206 “Ndi Urubuto rwa Aburahamu.” Amina. Ndabona Aburahamu aje ku muryango, akingura urugi. Aravuga ati: “Ndi Imbuto ya Aburahamu.”

Daniyeli ati: “Reba hano! Hano hari Ibuye nabonye nacukuye ku musozi.”

207 Nshobora kumva Ezekiyeli avuga ngo: “Nguriya! Ndamubonye, nk’umukungugu munsi y’ibirenge Bye, ibicu bigenda, igihe impfizi z’intama...zakomaga amashyi, ababyinnyi, maze bose bakoma akaruru.” Yoo, nshobora kubona abatandukanye hariya muri Paradizo, bamutegereje.

208 Nshobora kumva avuga ati: “Ngwino! Buracyeye i Yeruzalemu. Ni ngombwa ko tuva hano. Turimo kuzamuka, kuko mwizeye amaraso y’ibimasa n’ay’ihene, mutegereje igihe cy’Amaraso Yanjye. Ariko Amaraso Yanjye yamenewe hariya i Karuvari. Ndi Umwana w’Imana wigize Umuntu. Amadeni y’ibyaha yose yarishyuwe. Turi mu nzira yacu!” Haleluya! Imana ihabwe Icyubahiro!

209 Nshobora kubona Aburahamu afata Sara ukuboko, ngabo baraje hano, aka kanya! Muri Matayo 27, igihe yasohokaga, Nshobora kumva bahagarara gato i Yerusalemu hariya. Kandi ikintu cya mbere muzi, Nshobora kubona Kayifa hamwe nabo bahagaze ku muhanda, bavuga bati: “Bambwira bati: uriya musore yarazutse. Mumbwire, uriya musore ujyayo ni inde; uriya musore mugenzi wawe, uriya mukobwa muto?”

210 Ntazongera gusaza; abo ni ba Aburahamu na Sara. Kandi bagiye amarembera. Bararebye baravuga bati: “Hari umuntu urimo kutwitegereza.” Bashoboraga kuzimira nk’uko banyuze mu rukuta, bafite wa mubiri umwe. Haleluya! Ni byo. Dore abahanuzi bose hamwe nabo, bazenguruka, bareba umujyi.

211 Nuko Yesu abayoboramo neza, cyangwa hejuru y’inyenyeri, ukwezi, ibicu, maze ayobora imbohe, aha abantu impano. Uyu munsi Yesu yicaye neza iburyo bwa Data, yazamutseyo, aricara, kugeza abanzi Be bose babaye intebe z’ibirenge Bye.

212 Uyu munsi, nshuti nkunda muri Kristo, amadayimoni arimo gukora kuri buri kiganza. Kandi Umwuka w’Imana uragendagenda neza, ku rundi ruhande, kugira ngo uyarwanye igihe cyose. Haleluya! Murankurikiye. Ibinyamakuru n’ibyamamaza n’ibindi byose birabitangaza. Barabyitegereza. Ntibashobora kubona icyo ari cyo. Ni ibiki? Ni ibishushanyo mbonera bikomeye bizaza vuba, hagati y’Imana na satani. Mujye ku ruhande rw’Imana kandi mube beza mu mitima yanyu. Amina.

213 Hano nta gihe kinini gishize nari i Toledo, muri leta ya Ohio, mfite yo amateraniro. Ngiye gusoza.

214 Murabona icyo nshaka kuvuga ku madayimoni? Arakora. Ni amanyamwuka cyane, kimwe nyine n’abanyamwuka! Yoo, ajya mu rusengero buri cyumweru, agasubiramo Imyemerere y’Intumwa, bakaririmba Doxologi. Yoo, mbega, neza nk’abanyamadini uko bashoboye!

“Mwene Data Branham, urashaka kuvuga ko ari ukuri?”

215 Ni wo umwuka wamanitse Yesu Kristo ku musaraba. Yesu yaravuze ati: “Mukomoka kuri so, satani.”

216 Noneho bamwe muri bo baravuga bati: “Yewe, Uburusiya ni antikristo.” Habe na gato! Uburusiya ntabwo ari antikristo. Antikristo agiye kuba abanyamadini cyane ngo bazayobya n’intore niba bishoboka.

Mwibuke, Imana ifata Umuntu Wayo, ariko ntizigera na rimwe ifata Umwuka Wayo. Satani afata umuntu we, ariko ntazigera na rimwe afata umwuka we. Noneho, aho ni ho bari. Mufate Mufate icyemezo mwebwe ubwanyu. Njyewe nshinzwe ukuri gusa.

217 Amadayimoni, akora ku buryo bugaragara! Ejo, nayabonye mu bice bifatika. Uyu munsi, ndababereka mu bice by’umwuka, aho bari mu bwami bw’madini. Aho bari hanze aho, bitwa kanseri, kandi babita *ibi, biriya,* n’*ibindi,* ariko narabiberetse, muri Bibiliya, ni amadayimoni. Noneho, hano hejuru, uyu munsi, hano bongeye kuba mu bice by’ubwami bw’abanyamadini, abanyamadini cyane, abihaye Imana cyane.

218 Niba uzatangira, mwene Data, hanyuma ugatekereza. Kayini, mu intangiriro ryabyo, yari umunyamadini cyane. Esawu yari umunyamadini cyane. Yuda yari umunyamadini cyane. Ni idini. Ntabwo ari isi yo hanze. Biri neza mu nzego. Mwitegereze iby’inyigisho ku madayimoni! Ahari nyuma gato, mu gihe runaka, nshobora kubigeraho gato. Turimo gutinda.

219 Ntugire uwo ucira urubanza. Kunda abantu bose. Niba udashobora gukunda bivuye ku mutima, ubwo ntabwo Kristo ari kumwe nawe.

220 I Toledo, muri Leta ya Ohio, ninjiye muri resitora ntoya. Naririye ahantu, ahantu hato i Dunkard, ahantu heza cyane. Bari beza cyane. Nyuma ya saa sita bari bafunze, bajya ku ishuri ryo ku cyumweru. Kandi ubwo babikoraga, byabaye ngombwa ko nambuka umuhanda, nkajya ahantu hatuje ku isi, maze nkinjirayo. Kandi nzi ko bitemewe gukina urusimbi muri Ohio. Kandi hano hari abapolisi ba leta bafite ukuboko kuzengurutse umukobwa, ukuboko kwe kumanitse hano ku gituza, akinisha imashini. Amategeko y’ibihugu byacu n’ayabaturage, yose yaragiye. Birababaje!

221 Nizeye Kristo Urutare rukomeye, ndahagaze, izindi mpamvu zose zirimo kurohama mu musenyi. Nta kindi gisigaye. Ni byo.

222 Nashubije amaso inyuma, mbona umukobwa mwiza, birashoboka ko yari mu macumi y'imyaka ye, cumi n'icyenda, cumi n'umunani, imyaka cumi n'icyenda. Kandi ibyo bakoraga, abahungu basubiye hariya hafi y'ameza, byari biteye ubwoba. Nicaye aho. Noneho mu gutungurwa kwanjye, nicaye hano aho umugore yaje, akavuga ati: "Mushobora kwicara ku ntebe?"

Ndavuga nti: "Murakoze. Nashakaga ifunguro rya mu gitondo."

223 Kandi nicaye ku ntebe, hano hari hicaje umukecuru ugeze mu za bukuru, ushaje nka mama, imyaka mirongo itanu n'itanu, mirongo itanu n'umunani. Yari afite udupfunyika tubiri tw'utwo twenda duto bambara tutubahisha Imana.

224 Bitwaje ko ikirere kimeze neza. Siyanse yo ikavuga ngo: "Warasaze." Mu by'ukuri, ntabwo ari byo. Urashaka kwerekana ubwambure bwawe wenyine. Biteye isoni, ni amahano. Umutegarugori ntiyabyambara. Umugore yabyambara, ariko umutegarugori ntiyabyambara.

225 Hanyuma, hanyuma rero . . . ni aho yari yicaye. Umubiri we ukennye wari wuzuye ibicece. Ku munwa we, yari yisize ubwoko bw'irange risa n'indabo za orukide, uko mwabyita kose. N'imisatsi migufi nk'iy'umugabo, isandaguritse hose; ibyo Bibiliya yavuze, ko ari amahano. Kandi uwo mugore, uwo mugabo . . .

226 Bibiliya ivuga ko, niba umugore yogoshe umusatsi, umugabo afite uburenganzira bwo kumusenda bagatandukana, kubera ko atamubereye inyangamugayo. Tugomba kumanuka tukamamaza Bibiliya hano imwe muri iyi minsi. Iravuga iti: "Niba yogoshe umusatsi, aba asuzuguye umugabo we." Niba atiyubashye, agomba gusendwa. Ntushobora kurongora undi, ariko ushobora kumusenda. Whew! Muhungu, ibyo, ibyo biragoye, nshobora kubyiyumvisha. Ariko uko ni Ukuri.

227 Yoo, byahozeho, twari tubifite mu bwami bw'umwuka Wera, ariko twakuyeho imbariro. Mwene Data ukuze yakundaga kuvuga ngo: "Twakuyeho imbaririro, twakuyeho imbariro, twifatanije n'icyaha. Twakuyeho imbariro, intama zirasohoka, ariko se ihene zinjiyemo gute?" Mwaretse utubari. Ni cyo cyari ikibazo. Mwakuyeho imbariro, isi n'itorero byivangiye hamwe. Nk'Abamowabu n'abandi n'abandi, na Balamu, n'uburyo yabashatsemo, ibyo ni ibintu bimwe rwose muri iki gihe. Kandi itorero ryose ryaranduye, kandi igisekuruza cya Pentekote ni igisekuruza cya Laodikiya, ari cyo cy'akazuyazi, kandi cyasohotse mu kanwa k'Imana. Kandi mu itsinda ryose, Imana ihamagaramo Abayo, ifata Urugo Rwabo, ni byo rwose, neza, binyuze mu muzuko.

228 Kandi hariya, yari yicaye, afite iminwa isize amarangi mu maso he hose, kandi byose byari bimeze nka gutyo. Kandi yari afite hano ibintu byirabura mu maso ye, kandi yabize ibyuya, byaratembaga. Ndetse nyagucwa yashoboraga kuba afite n'abuzukuruza. Kandi yari yicaye hamwe n'abasaza babiri, umwe muri bo afite igitambaro kinini gishaje mu ijosi, kandi hari muri Kamena, yicaye aho. Arahaguruka, yasaga n'unywa inzoga, nuko na we, aranywa. Kandi yari arimo gukebaguza hirya no hino.

229 Naratekereje nti: "Mana! Mana, kubera iki Utahanagura nonaha iki kintu ku ikarita? Kuki Utabikora? Ese umwana wanjye Sharon . . . Umwana wanjye w'uruhinja, abana banjye bato Sara na Rebeka bagomba kurererwa muri kiriya gisekuru, kugira ngo baze guhangana n'ibintu nk'ibyo?" Naratekereje nti: "Mwitegereze hano muri parike n'ibindi, ni ibiki bihabera." Ndatekereza nti: "Yoo Mana! Yoo, nishimiye ko Watwaye Sharon niba bwari ubushake Bwawe. Ese Rebeka wanjye muto kandi muto—muto na Sara bagomba kurerwa munsi y'ibintu nk'ibyo?" Ibyo, kandi abantu babyita . . . kuririmba muri korari n'ibintu byose. Ndatekereza nti: "Ese ibyo ntibibatera isoni?" Ndatekereza nti: "Mana, gukiranuka Kwawe Kwera gushobora gute kubyihanganira? Birasa nk'aho uburakari Bwawe bukiranuka bwanyarukirayo maze—maze bugaturikira aha hantu."

230 Nuko numva Malayika w'Umwami, ambwira ati: "Ngwino hano." Nagiyeyo. Kandi ubwo yansangaga, numvaga meze nk'undi muntu. "Ni iki cyatuma umuciraho iteka?"

Naravuze nti: "Reba ibyo, uko bimeze." Kandi dore icyo We . . .

231 Nabonye iyerekwa. Nabonye isi nk'*iyi*, izengurutse, indi si. Ariko iyi si *hano,* yari ifite umukororombya uzengurutse, kandi yari Amaraso ya Kristo arinda uburakari bw'Imana. Ntiyashoboraga kureba kuri ibyo, We—we Yasenya icyo kintu nonaha, kuko Yavuze ati: "Umunsi uzaryaho, uwo munsi uzapfa." Yabikora rero.

232 Hanyuma natekereje gutya. Niboneye ubwanjye. Nubwo ntabikoze, ariko nari umunyabyaha, uko byagenda kose. Noneho Amaraso ya Yesu Kristo atubera ingabo. Murabyumva? Ibyo, iyo ncumuye, ibyaha byanjye biramukubita bigakomeretsa umutwe w'agaciro, mbona amarira n'amaraso atemba. "Mubabarire, Data, ntabwo azi icyo akora." Kandi nari gukora ikindi kintu nkabikubita. "Mubabarire, Data."

233 Niba byarigeze kumunyuraho, nari kuba nararimbutse. Niba kandi ntazigera nemera ubuntu Bwe, n'umunsi roho yanjye igenda hejuru y'ibyo, mba namaze gucirwa urubanza. Narabyanze. Nta kindi gisigaye uretse urubanza. Gucirwa urubanza, namaze gucirwa urubanza. Imana yaravuze iti:

"Umunsi uzaryaho, uwo munsi uzapfa." Uciriwe urubanza neza. Iyi ni intebe y'urubanza kuri iki gicamunsi, imyifatire yawe kuri Kristo.

234 Hanyuma ndibwira nti: "Yego, ni byo." Nabonye umunsi umwe nkambakamba nkamwegera. Nabonye igitabo cyanjye gishaje kirambitse aho, umunyabyaha, harambitseho ibintu byose. Nabonye ibyaha byanjye ari byo byabikoraga, ndavuga nti: "Mwami, ese uzambabarira?"

235 Yafashe ukuboko Kwe agushyira mu rubavu, akuramo Amaraso, ayandikisha hejuru, ati: "Warababariwe." Yabijugunye mu nyanja yo kwibagirwa, kugira ngo atazabyibuka ukundi. Byaragiye burundu! Yaravuze ati: "Ndakubabariye, ariko wowe umuciriyeho iteka."

Ibyo byahinduye igitekerezo cyanjye. Ndavuga nti: "Mwami, ngirira imbabazi."

236 Nyuma yo kubivamo, naragiye ndicara. Ndavuga nti: "Umeze ute, madamu?"

Aravuga ati: "Yoo, uraho."

237 Nanjye nti: "Niba uzambabarira," Ndavuga nti: "Ndi Revera Branham, umukozi w'Imana."

Aravuga ati: "Mbabarira. Mbabarira, Revera Branham."

238 Ndavuga nti: "Madamu," Gusa namutekerereje iyo nkuru, ndavuga nti: "Nari mpagaze hariya, kandi nari ndimo kuguciraho iteka, ndatekereza nti: 'Mbega ikintu giteye ubwoba!' Wenda waba ufite abana."

Aravuga ati: "Ndabafite."

239 Ndavuga nti: "Ni iki cyatumye hari uburyo bugenda nabi?" Atangira kunsobanurira inkuru yakomeretsa umutima w'ikintu cyose. Ndavuga nti: "Njye—Njye nabazaga Imana kuki itahise ikura ibintu nk'ibyo kw'isi. Hano, wowe uri hano hamwe n'abagabo bombi basinze, nawe wasinze, wowe ubwawe." Nanjye nti: "Umunsi umwe... Ayo Maraso azakurinda uburakari bw'Imana. Muri iyi minsi ugiye gupfa. Hanyuma, uri—uri umukozi w'imyitwarire ibonetse yose ubungubu, ushobora kuyanga cyangwa kuyakira." Ndavuga nti: "Ariko hari igihe roho yawe izarenga hariya, aho nta mbabazi zizaba zisigaye. Niba kandi upfiriye mu byaha byawe, wamaze gucirwa urubanza, kandi ugiye kujya ikuzimu."

240 Muzi uko byagenze? Uwo mugore yavuye muri iyo ntebe hariya muri iyo resitora. Twagize amateraniro yo gusenga amwe utigeze wumva mu buzima bwawe, kandi wa mugore yaje kuri Kristo. Byari ibiki? Ntukabacireho iteka; babwire Ubutumwa bwiza. Bafite amadayimoni; ni abantu bapfa bo muri ubu bwami. Bahinduwe biturutse hano. Ugukongezwa kwacu guturuka hejuru. Reka turebe icyo twakora n'impano zacu, kugira ngo dutsindire kugarura abandi kuri Kristo.

241 Data wa twese wo mw'Ijuru, ndagushimira kubw'ibyiza byawe n'imbabazi zawe. Mbabarira, Mwami; birashoboka ko, abantu, nabagumanye hano igihe kirekire. Ariko mu gusoza amateraniro ya nyuma ya saa sita nka gutya, nashakaga kubabwira, "amadayimoni," kandi nasimbutse byinshi cyane ahantu hamwe, mu nyigisho imwe, ariko birashoboka ko bashobora kuyitoragurayo, aha na hariya, bakumva icyo nashakaga kuvuga. Uzi imigambi y'umutima wanjye, wo kubizana.

242 Reka abantu bave hano kuri iki gicamunsi, maze abagabo n'abagore barebe ibyo bakora byose, ariko babeho bishimye kandi bisanzuye. Nibamenye ko Imana yabakijije. Kandi bayishingikirizeho, bibagirwe inyigisho mbi zose n'ibintu bibakikije, kandi babane mu mahoro no mu bwenge, no gutinya Imana. Hanyuma, Mana, mu gihe ushaka kubakoresha kuri buri kintu cyose, Ushobora kuvugana nabo mu buryo butaziguye no kubohereza aho ushaka ko bajya cyangwa icyo ushaka cyose ko bakora. Abantu bicishe bugufi basange Kristo mu mitima yabo. Utubabarire, Mwami, amakosa yacu, buri wese muri twe.

243 Kandi turabizi—ko Satani ameze nk'intare itontoma, ahantu hose, aconshomera icyo ashaka, bambaye imyenda y'idini. Mana, aba bana bato bakennye, ubarebe, ahantu hose. Barifunguye kandi bahura n'abantu. Ndagusabye, Mana, ubagirire imbabazi, ukize abazimiye bose, ukize abarwayi. Kandi, Mana, tumenye ko aya madayimoni y'uburwayi azaza ku bana Bawe, ko Ufite impongano yateguwe, kubwo kubikemura. Kandi amadayimoni yose yabatera gukora icyaha, Ufite impongano iri aho, izabirangiza. Kandi ndagusabye ngo Uzayitange mw'Izina rya Yesu. Amina.

Ndibaza niba hari . . .

53-0609A Inyigisho ku Madayimoni, mu miterere y'umwuka
Inzu y'imyidagaduro yitwa Roberts Park
Konesivile, indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

## Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:



VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org